# Kuki Tutari Idini?

Jeffersonville, Indiana, USA

27 Nzeri 1958

1 Ni akarusho kuba ngarutse hano, ku gicaniro, ndakeka hashize amezi atatu ntaboneka. Udukimba twahuye n'akaga, ariko nanjye ni ko byangendekeye. Ariko, ndumva nduhutse noneho, nkaba nifuza biruseho gusubira mu murimo. Nkaba nteganya gutangira mu cyumweru gitaha, ku wagatatu utaha nimugoroba, ibiterane by'ububyutse bikurikirana hano nyine, ku rusengero. Imana nibishaka… Uwiteka yansezeranije undi murimo utandukanye nusanzwe. Kandi niba bimushimishije, niringiye gutangira uwo murimo mu cyumweru gitaha, hano ku rursengero ariho mpereye.

Hanyuma, nta yandi materaniro ateganije mfite keretse ayo muri Australia no muri Nouvelle Zelande, mu kwezi kwa Mutarama k'umwaka utaha. Hari mwene Data Osborn wifuzaga ko tugirana amateraniro hamwe, nasaga nk'uwabimusezeranije, hashize igihe gito, i Tulsa, bizaba bishyize kera, gusa ntabwo turabyemeza.

2 Byari bishimishije by'ukuri, Mwene Data Jeffreys, kubasha kugukora mu ntoki, hano inyuma, no kumva umuhungu wawe aririmba iyi ndirimbo mufatanije. Nkunda cyane : umuhungu na se. Murabikunda, si byo ? « Toza umwana inzira agomba kunyuramo. » Ni byo, muvandimwe Guenther, muzi ko ari ukuri, murabizi mwembi. «Toza umwana inzira agomba kunyuramo, azarinda asaza bitari byamuvamo. » Kandi ni ukuri pe. Ibihe bimwe, we, ashobora kubivamo, ariko ntibizamuvamo. Murabona ? Bizamugumamo. Ibyo yize byose n'imyitozo yagize mu buto bwe yose, bizaguma muri we, ntagushidikanya. Noneho ni…

3 Nahuriye na Mwene Data Jeffreys hariya, maze mubwira nti: "Mwene Data Jeffreys…" Nibwira, murabizi, nti ndacyishimira gusurwa na bene Data, ariko mbega umugoroba wo gusurwamo na mwene Data ! Ni umugoroba wateganirijwe abizera b'urusengero, mbere ho hato y'amteraniro y'ububyutse. Ni umugoroba… Turashaka gufata uyu mugoroba, ejo mu gitondo na nimugoroba kugira ngo tugaragaze imyizerere yacu, hano ku Rusengero, kugira ngo tugenzure izo ngingo zose, bundi bushya. Dufite imyizerere ihebuje kuba idasanzwe, ariko kandi tuyisanga muri Bibiliya. Bigaragara koko ko irimo.

4 Noneho, niba hari mushiki wacu cyangwa mwene Data utazwi, ubarizwa mu idini cyangwa utumva ibintu kimwe natwe, kandi akaba yateranye natwe uyu mugoroba, dushaka kubamenyesha ko muhawe ikaze by'ukuri. Murabona, muhawe ikaze rwose. Ariko noneho, niringiye ko… Kandi tubibazanira mu buryo bugoranye bihagije. Rero, ni ugira icyo mutumvikanaho, icyo gihe, genza nkanjye, iyo ndya umugati urimo imbuto za serize, - kandi ni wo mugati nahisemo…Iyo ndiye uwo umugati, maze amenyo yanjye agahekenya akabuto, sinjugunya umugati. Njugunya akabuto konyine, hanyuma nkikomereza kwirira umugati, byonyine. Rero, cyangwa urugero, iyo urya inkoko. Kandi mukunda inkoko, murabona. Iyo uguye ku igufwa, ntuhera ko ureka kurya, uzenguruka igufwa ryonyine maze ukikomereza kwirira inkoko. Rero, mugenze mutyo uyu mugoroba, ku byo ndi buvugire hano… iyo ugize icyo ugwaho, vuga uti : « Mu by'ukuri… Mfasha ibi byonyine, mu materaniro atatu y'ubutaha tugaragaza ingingo ntontoz'Amahame y'iri torero. Basubira mu byo bizera, bakabikorera icyegeranyo.

5 Kandi uburyo rukumbi buboneye bwo gutera umuntu kubyizera, ni ugushimangira cyane ubusobanuro, kugeza ubwo yumvise ko ari ukuri. Ni bwo buryo rukumbi bwo guhamirizwa ko bishimangiye. Ni nk'umwe wo mu nshuti zanjye, M. Woods, nabanye na we : iyo uteye umusumari igice, maze urubaho rukaba rudafashe neza, umuyaga ntuzatinda kurutwara. Ah'ubwo igikwiye ni ugushimangira umusumari, kugira ngo urubaho rube rufashe neza. Rero, niba nkarishye ku ngingo zimwe na zimwe, mumenye uyu mugoroba, mwebwe abashyitsi, ko atari ugushaka kubaheza. Nshaka gusa ko iri torero risobanukirwa icyo twizera. Noneho, abasobanukiwe bose nibavuge bati : «Amen. » [Iteraniro riti: "Amen." - Umwanditsi] Ni byiza cyane. Noneho ngiye kwikuraho ibi. Hanyuma… Bafata byose amajwi, kugira ngo, kera, igihe runaka niba hari abashatse kumenya ibyo twizera, aya majwi afashwe abivuge. Dukunze kubikora, kuko hari abashya, hanyuma tugakomeza. Kandi, ntituzashobora gusubira mu ngingo z'Amahame y'itorero zose, ah'ubwo nkeya zonyine, izo tugomba kuvuga. Uhereye ku wa gatatu nimugoroba…

6 Kandi, ku wa mbere no ku wa kabiri, nzajya gusenga no gutegura gahunda yo gusengera abarwayi. Mushobora gufata telephone, cyangwa ubundi buryo bubanogeye, maze mukazana abo mushaka bose, igihe cy'ubwo bubyutse butaha. Kandi mubabwire ntibazaze bihuta, bavuga bati: "Rero, ngiye kuhajya nihuta uyu mugoroba kugira ngo bansengere. Kandi ejo nimugoroba, hazaba ari…" Si uko bigenda. Mwinjire kandi mutege amatwi akanya, kuko dushaka gufata igihe cyacu no kubashyikiriza iri Jambo mu mucyo ku buryo satani atazabona urwinyagamburiro na ruto. Rero, ubwo muzaba mwageze ku ndunduro yo kwizera kwanyu, mureke hakore ikirere cyanyu mutagenzura, ni bwo Ukwizera kw'Imana kuzaza kugushyigikira. Nyuma y'aho ni bwo muzashobora gutaha. Murabona? Ni uko ukwizera kwanyu konyine kutashobora kugira icyo kubagezaho. Ikirere cyanyu mutagenzura kigomba kugendera mu cyerekezo kimwe n'ukwizera kwanyu, ni bwo Ukwizera kw'Imana kuzaza gushyigikira no gukomeza byose. Murabona? Ariko niba ari ukwizera kwanyu konyine: "Yoo yego, ndagufite noneho!" Mu gihe ikirere cyanyu mutagenzura, cyo, gikora mu buryo buhabanye, kivuga kiti: "nibaza niba ibyanjye bizatungana?" Kera, ntibizatungana. Murabona? Rero, dushaka ko uyu uba umurimo nyakuri wo gukiza indwara. Kandi mbere yo kwinjiza uwo ari we wese mu byumba, n'ibindi, ku bwo kubakiza cyangwa ku bw'imirimo mishya,

nshaka ko abantu basobanukirwa by'ukuri impamvu binjira hariya. Rero, mwibuke, mutubere abashyitsi, tuzishimishwa no kubabona hagati muri twe.

7 Noneho, mwibuke ko ejo mu gitondo tuzakomeza kwerekana Amahame y'itorero. N'ejo nimugoroba. Kandi, muhawe ikaze, nta n'umwe uhejwe. Dushimishwa no kubona buri wese. Ariko ibiri buvugwe uyu mugoroba, ni ibireba ab'uru rusengero bonyine, bigishijwe aya Mahame. Mu by'ukuri, hanze, ku rubuga rw'ivugabutumwa, tuvuga ingingo ngenderwaho z'amahame y'Ibyanditswe Byera. Ariko hano, mu rusengero rwacu, dufite ibitekerezo n'imyizerere byacu bwite, nk'itorero, kandi ni byo turi busubiremo, nimugoroba.

Mbere yo kubumbura Ijambo Ryayo, twubike imitwe akanya dusenga.

8 Mana ikomeye kandi ishobora byose, Wowe, mbere y'uko isi ibaho, Wari Imana. Ntiwigeze uhinduka. Kandi n'ubwo isi izaba itakiriho, Uzaba ukiri Imana. Uri Uwiteka, iteka ryose. Uri Imana. Ntiwigeze ugira itangiriro habe n'iherezo ry'iminsi. Uriho by'iteka. Byongeye, Data, nk'uko Utagira ingano, naho twe tukaba dufite aho tugarukira, twambaje impuhwe Zawe za Kimana, yoo Mana, kuko duhamirijwe ko umwuka wacu ugomba kuzinjira mu Iteka, uva mu gihe winjira mu Iteka. Ni yo mpamvu, Mwami, tubeshejwe hano no kukwereka uko agakiza kacu gahagaze, no kugira ngo tumenye igihagararo cyacu mu Ijambo Ryawe, n'aho tugeze mu myitozo yacu. Ese imibereho yacu Urayishimira? Ese umwuka wacu uhamiriza Umwuka Wawe? Ese inyigisho zacu zihamiriza iyi Bibiliya? Data, dushoboze kugenzura twitonze buri kimwe cyose mu bihe bitatu by'amateraniro bitaha. Bitwemerere, Mwami.

9 Ha umugisha pasitori uri hano n'abadiyakoni, n'abashinzwe umutungo n'abagize itorero bose, abasengera hano. Uhereye ku minsi yanjye ya mbere hano, Mwami, abantu benshi bariyongereye, abo ntanazi amazina, habe no kumenya aho baturuka, ariko mpamirijwe ko Wowe, Ubaziho byose. Tubeshejwe hano n'intego imwe gusa, uyu mugoroba, Mwami, ni ugusabanira ku Ijambo ryanditse. Duhe Mwuka Wera mu mibereho yacu, kugira ngo dushobore kwicara mu ituze, tutari indangare kandi twubaha Imana, dushobore kugenzuza ubuzima bwacu Ijambo Ryayo. Bitwemerere, Mwami.

Muri iki cyumba, uyu mugoroba, Mwami, hari bene Data babarizwa mu byerekezo bitandukanye by'itorero. Mwami, ndazirikana kuba baje tugasabana. Byashoboka ko tutumvikana ku mahame mato y'Urufatiro. Naho ku by'ihame nyamukuru ry'urufatiro, turi bene Data twunze ubumwe, dutabarana. Rero, yoo Mana, fasha ibi bikomeze ubusabane bwacu… maze imirunga y'ubuntu n'urukundo rw'Imana bigwirire kuri twe. Kandi, dusanga, Mwami, iki ari icyate gikabije kuba kinini ku muntu, kuko ikidushishikaje uyu mugoroba, ari iherezo ry'ubugingo bugana mu Iteka. Rero, turasaba ko Mwuka Wera yinjira mu Ijambo bidatinze, maze Atwereke kandi Adusobanurire, mu buryo Bwe, ibyo Ashaka ko tumenya. Bitwemerere, Mwami. Kandi, ibyo bihe bitatu by'amateraniro nibirangira, tuzashobore gutaha, turi itorero rifite imbaraga, abantu bunze ubumwe, bomatanirije imitima yacu n'ibyifuzo byacu twese hamwe na bene Data abaturage b'Ubwami bw'Imana, kugira ngo dutere imbere uko tutabyigeze mbere.

10 Ndi mu mwenda wo kugushima, Mwami, hano, imbere y'iteraniro ry'itorero, kuba warampaye ibyumweru byinshi by'ikiruhuko nyakuri. Numva mfite intege uyu mugoroba, ku bwo kuba hano Kwawe n'umugisha Wawe. Yoo Mana, turasaba ngo uyu mwene Data, mwene Data ugiye hakurya y'amazi, hariya mu bihugu byijimye kandi bikennye, aho ashobora kuzasiga ubuzima bwe. Yoo Mwami, ha umugisha Mwene Data Jeffreys, igihe azagendera, hamwe n'umuhungu we n'umufasha we, kandi umuhe imbuto nyinshi. Azashobore guhinguranya umwijima, kugeza ubwo Umucyo w'Ubutumwa Bwiza uzarabagirana impande zose. Dusubize, Data, kuko tugusabye mu Izina rya Yesu, Umwana Wawe. Amen.

11 Rero, uyu mugoroba, ndasoma Bibiliya yanjye Scofield nto. Mperutse kuzuza imyaka makumyabiri n'itanu y'amavuko vuba aha. Kandi ndacyabasha kuyisoma, ariko bitangiye kudasomeka. Rero, iyo niga, mba mfite indorerwamo zo gusomesha, kandi ndaza kureba uko bigenda, uyu mugoroba, ni bwo bwa mbere nza kuba nzambaye. Noneho, iki kibwiriza gifite imitwe myinshi, ari yo: "Itorero ryakagombye…" Yoo, hariho ibintu byinshi, niba tubashije kubibona. Urugero: "Kuki twitwa Itorero? Kuki tutari idini? Kuki twizera umutekano w'Iteka w'ubugingo bw'abizera? Kuki twamagana abagore babwiriza? Kuki tubatiza mu mazi menshi? Itorero ryaba rizanyuzwa mu mibabaro?" Kandi imitwe myinshi nk'iyo - ngomba kuba mfite cumi n'itanu, cyangwa cumi n'umunani, ikazaba iy'imigoroba itaha.

12 Rero, uyu mugoroba, ntekereza ko mu itangira, Uwiteka yanshyize ku mutima,kuvuga kuri uyu mutwe… Kuki tutari idini? Impamvu … Kandi, nta cyo dupfa n'abandi bantu, baba mu madini. Nta cyo dupfa na bo, ah'ubwo ngiye gusobanura impamvu tutigeze twisunga idini habe na rimwe. Nimikiwe mu itorero rito ry'ababatisite, nk'uko mubizi. Kandi itorero ry'ababatisite si idini, cyangwa ntiryari idini kugeza ejobundi, none ubu rimaze kuba idini nk'andi yose. Ariko impamvu tutigeze tuba idini…

13 Ibiri amambu, turi ishyirahamwe. Imbere y'ubutegetsi bwite bwa Leta, bwatwanditse nk'ishyirahamwe, itsinda ry'abantu bagize ishyirahamwe, bateranira kuramya Kirisito, ariko ntituri idini. Ntawe uzatuganza, murabona? Si idini, ni ishyirahamwe rya bene Data b'abizera b'abakirisito. Abantu baza gusengera hano. Hahinduka itorero ryabo, niba bashaka kuhaza, igihe cyose bazaba bakiriho.

14 Bashobora kuza hano, barangiza bagahakana ibyo tubwiriza byose. Ni ibisanzwe. Igihe cyose uzaba uri umukirisito, uzabona ubusabane kandi utegerwe amaboko nk'abandi bose. Murabona? Iyo aba nari mvuze ko nemera umubatizo w'amazi menshi, naho wowe, ukemera umubatizo w'agatonyanga, maze ukawutsimbararaho, nta cyo byahindura hagati yacu, byakomeza nk'aho tuvuga rumwe. Byashoboka ko tutabona ibintu kimwe, mu buryo bumwe, ariko igihe cyose uzaba uri mwene Data w'umukirisito cyangwa mushiki wacu w'umukirisito, muzaba mwisanga. Murabona? Mwese hamwe.

15 Rero, ntituri idini, kuko ku bwanjye, amadini atanya bene Data. Bamwe bazavuga bati: "Nta ho duhuriye na buriya bubyutse. Ni ububyutse bw'abametodisite." "Rero, bariya, ni ababatisite. Twebwe, turi abametodisite. Nta ho duhuriye na bo." Mwene Data, niba Kirisito ari hariya, tugomba kuhabona byose. Tugomba gushyiramo… Ni Umubiri wa Kirisito uhababarira. Kandi mbona ibyo bigwiriye mu bihugu binyuranye ubu: twaba dufite… Kandi Kirisito ntiyigeze, na rimwe, ashyiraho inzegoz'ubuyobozibw'idinimu itorero. Ibyo, ndabibahamiriza.

16 Rero, nabasabaga, ngo ejo nimugoroba, niba hari icyo mushaka kumenya, urugero ni ibikorwa by'amateka nzaba navuze, cyangwa ibindi. Sinzabona igihe cyo kurangiza icyigisho, naho ubundi sinashobora gutarukira ku gikurikiye, kuko twashobora kumara ibyumweru kuri kiriya cyigisho. Ariko niba mushaka kumenya aho biri, cyangwa icyo ari cyo cyose, nimukimbaze, mwazana ikibazo hano ku gicaniro, maze nkagishakira igisubizo.

17 Noneho, idini rya kera kurusha ayandi tuzi, ni itorero gatolika. Ryagize inzego nk'idini mu myaka Magana atatu n'indi nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma. Ni ukuri. Muzabisanga mu mateka y'Abapadiri ba mbere b'i Nikeya, kandi muzabisanga mu nyandiko za Josephe, n'iz'abanyamateka bakomeye benshi. Murabona? Ku birebana n'ibihe by'Itorero, uhereye ku rupfu rw'intumwa ya nyuma ukageza mu myaka Magana atatu, nta nzego z'idini zigeze zibaho. Ni itorero gatolika ryabaye idini rya mbere.

Kandi amatorero ya giporoso ni amadini yasohotse mu idini. Ubugorozi bwa mbere bwabaye ubwa Lutheri, nyuma ya Lutheri, haje Zwingli; nyuma ya Zwingli, haje Calvin, n'abandi, bityo. Nyuma habayeho ububyutse bwitiriwe John Wesley, Alexandre Campbell, John Smith n'abandi. Kandi amatwaraya nyuma, ayo dufite ubu, ni amashami anyuranye y'igisekuru cya pantekote.

18 Nemera ko Imana yakoze muri buri gisekuru. Ariko mwari mwabona ko, itorero rigwa iyo ritangiye kuba idini? Kandi iyo riguye, Imana ntiyigera iribyutsa. Rihita rirambarara ako kanya. Kandi nta kindi mugomba… Niba mubishakaho ibimenyetso, dushobora kubibaha, kubereka ko ari nta torero na rimwe, mu mateka y'amatorero, ari nta dini na rimwe, rimaze kugwa, ryigeze ribyuka. Baba ababatisite, abametodisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani, cyangwa abo ari bo bose, iyo baguye, biba bibarangiranye. Ni ukuri. Noneho ibi, nk'uko nabibabwiye, hariya, mwambare amakote yanyu, kuko tugiye guhamirizwa ko bihamanya neza. Murabona? Ntibyigeze, habe na rimwe. Iyo umuntu yasohokaga, ku giti cye, agashyira inzego mu itorero, ni aho byaheraga.

19 Imana ikorana n'umuntu ku giti cye, ntikorana n'amadini. Imana ntiyigeze , mu gisekuru na kimwe, ikorana n'amadini. Kuva kera Yahoze ikorana n'abantu ku giti cyabo. Mu Isezeran Rya Kera, Yakoranye na ba gatozi. Mu bisekuru byose, Yagiye ikorana n'abantu ku giti cyabo, si amadini Yakoranye na yo. none niba Imana itari mu madini, byamarira iki kuyizirikaho? Simvuga abantu babarizwa mu madini, ndavuga idini ubwaryo kuko ubwoko bw'Imana buri muri ariya madini yose.

20 Kandi, Imana ntiyigera ireka hari ikiba itabanje kuburira abantu ku bw'icyo kintu. Sinemera ko icyo ari cyo cyose…

Urugero, dufite ibibazo bivuka mu matorero, nk'uko twabigize ejobundi, ku birebana n'amaraso, n'amavuta, n'ibindi. Kandi muzi iby'urwandiko "Mwene Data Mukundwa Branham", n'ibindi. Ariko impamvu ndwanya ibyo bintu, ni uko bitari mu Ijambo. Hagomba kubaho ikintu runaka ukwizera kwacu gufatiraho. Kandi niba tutashobora kugushingira ku idini, tugomba kugushingira ku Ijambo ry'Imana. Mbese, ni rwo rufatiro rukumbi: Ijambo ry'Imana.

21 Rero, niba Ijambo ry'Imana ritavuga amadini, ah'ubwo rikayarwanya, tugomba gushyigikira iryo Jambo. Ntitaye ku byo umwepisikopi, cyangwa undi uwo ari we wese yabasha kuvuga, icyo uwo ari we wese yabasha kuvuga, icyo uwo ari we wese yabasha gutekereza, icyo intwari yashobora kuvuga, icyo icyo ari cyo cyose, cyabasha kuvuga, niba bidahwanye n'Ijambo ry'Imana, ni ikinyoma. Murabona? Ijambo ry'Imana rigomba kuba iherezo rya byose. Ijambo ry'Imana rigomba kuba Amen isoza.

Noneho, mwibuke, simvuga ko mu madini ari nta Bakirisito bahari(murabisobanukirwa). Muri ayo madini yose hari ibihumbi mirongo by'ubugingo bw'agaciro, abana b'Imana. Ariko kubatandukanya no kubaremamo ibice, jye ndabirwanya. N'Ijambo ry'Imana rirabirwanya.

22 Kandi nizera ko ari nta matwara(isme) n'amwe wabona mu gihugu none, nta matwara n'amwe yigeze aboneka mu gihugu, atarabanje guhanurwa cyangwa gutegurizwa n'Ijambo ry'Imana. Nizera ko Ijambo ry'Imana rituronkera ibyo dukeneye byose - hano nyine mu Ijambo. Uhereye… intangiriro yacu ukageza

mu iherezo, ibyo byose biri hano, mu Ijambo ry'Imana. Kandi rero, nizera ko niba biri mu Ijambo ry'Imana, icyo gihe twakagombye… Ritangaza ibintu bitari byaba. Ijambo ry'Imana ni Umuburo.

23 Kandi, ntidusoma Ijambo ry'Imana nk'usoma ikinyamakuru. Dusomesha Ijambo ry'Imana Mwuka Wera, murabona, kuko ari Mwuka Wera Ubwe uvugira muri Kirisito… Kirisito yashimiye Imana kuba yarahishe ibyo bintu abanyabwenge maze Ikabihishurira abana, kashaka gusobanukirwa. Rero, murabona, nta buryo bwo kubyiga, ntibishoboka kubigeraho ushinze idini. Hari uburyo bumwe bwo kuboneza ingendo ni ukuyoborwa na Mwuka Wera. Kandi uyu mwitozo wagize ugomba kuba uhuye n'Ijambo. Murabona? Rero, mufite igikwiye. Murabona?

24 Nk'uko tugiye kubigeraho mu minota mikeya: tugiye kubona abantu… Bamwe ni abashingiye ku buntu b'abahezanguni(calvinistes), abandi ni abanyamategeko b'abahezanguni(arminiens), bafite ibyerekezo binyuranye. Kandi, n'ubwo wabakiranura neza ute, ntibahuza, bahora bari mu mpande ebyiri. Ni ukuri kose. Buri ruhande ruhora rufite icyo kuvuga. Ah'ubwo ikibazo ni iki : ukuri muri iki kibazo ni ukuhe ? ni aha dushaka kugera, kuko ku bw'ubuntu bw'Imana, dushobora kubereka ukuri kuri icyo kibazo. Noneho, dufate… Ni cyo cyanteye kwandika zimwe mu ngingo z'amahame y'ayo matorero.

25 Noneho mubumbure Bibiliya zanyu, mu minota mike, mwese. Maze dufate Ibyahishuwe, igice cya 1; cyangwa, mu itangira, Ibyahishuwe, igice cya 17. Dutangire dusome, kandi tugiye kureba uko ayo matorero yatangiye, n'urufatiro yubakiyeho. Kandi, Bibiliya ituburira kuri ibyo byose. Ituburira ku gihe turimo. Noneho, Ibyahishuwe, igice cya 17, nyamuneka. Navuze 13, si cyo nashakaga kuvuga, kiriya kivuga… Iki na cyo, tugiye kubibona mu kanya, ni ubuhanuzi bureba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Ariko noneho, mutege amatwi mutuje cyane.

*Haza umwe wo muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi arambwira ati: Ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho, yicara ku mazi menshi.*

Noneho, mwibuke, bimeze nk'ubwiru. Kandi, uwo maraya… Mbese, niba dushaka kwigisha ibi, tugomba kubanza kumenya icyo ibi bimenyetso bishushanya. Rero, umugore, muri Bibiliya, ashushanya itorero. Ni bangahe bazi ko turi Umugeni? Itorero ni Umugeni.

26 "Ngwino nkwereke iteka…" Rero, maraya ukomeye wicara ku mazi menshi, azacirwaho iteka. Kandi, umugore ashushanya itorero naho amazi agashushanya abantu. Noneho, niba mubibona, murebe n'umurongo wa 15, mugihari. Ibyahishuwe 17:15:

*Ni uko arambwira ati: Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n'amateraniro y'abantu n'amahanga n'indimi.*

Murabona? Rero, iryo torero rikomeye, uwo mugore ukomeye… Noneho, mwibuke, ni maraya. Kandi niba umugore ashushanya itorero (Itorero rya Kirisito, ni Umugeni, Umugeni wera), none dore maraya. Rero, maraya yakagombye kuba uwigira umugeni, murabona? None akora iki? "Yicaye ku" cyangwa "ari hejuru", bisobanura:"kugira ubutware ku mazi menshi"; mu yandi magambo, afite ubutware ku mahanga yose, indimi n'amoko.

*Uwo mugore ni umuntu ukomeye. Noneho: Ni we abami bo mu isi basambanaga na we…*

27 "Ni we abami bo mu isi basambanaga na we". Abakire, abakomeye ba… Mwashobora mute kwishora… Ni gute umwami yashobora gusambana n'itorero? Ni ubusambanyi bwo mu buryo bw'umwuka. Bw'umwuka! Ubusambanyi ni iki? Mbese, ni iyo umugore aca umugabo we inyuma. Akibanira n'undi mugabo kandi afite umugabo. Kandi iri dini ryiyita umugeni wa Kirisito, mu gihe ryishora mu busambanyi n'abami bo mu isi, dushingiye ku buzima bwaryo bwanduye, imyaturire yaryo yanduye. Yoo! Bifite uburebure kandi bivuze kinini. Nkunda Ijambo mu by'ukuri.

28 Noneho, mwitegereze:

*Ni we abami bo mu isi basambanaga na we, kandi ni vino y'ubusambanyi bwe abari mu isi basinze.*

Vino ye, ni icyo yatangaga, igisindisha cye: "Ni twe Torero." «Ni twe dufite ukuri.» Murabona ? Noneho, mukomeze ibi mu bwenge bwanyu. Ni byiza cyane.

Noneho Malayika abwira Yohana ati: "Ngiye kukwereka iteka ririya dini rikomeye rigiye gucirwaho." Noneho, mwitegereze.

*Antwara mu butayu ndi mu mwuka. Mbona umugore wicaye ku nyamaswa itukura.*

Umuhemba, muri Bibiliya ushushanya "ubwami". Ibara ry'umuhemba risobanura "umutuku". Kandi inyamaswa ishushanya imbaraga. Mwaba mwarabonye iriya nyamaswa yavaga mu Nyanja? Ni mu Byahishuwe 13. Kandi iyo mubonye iyo nyamaswa iva mu nyanja, bivuga ko izo mbaraga zivuye mu bantu. Naho mu Byahishuwe 13, ubwo uwo mwagazi w'intama wabonekaga, wari uvuye mu butaka. Si mu

bantu. Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Ariko nyuma y'aho, wameze amahembe abiri mato, ubutegetsi bwa Leta n'ubw'itorero. Ni bwo yafashe ubutware, atangira kuvuga nka cya kiyoka cyamubanjirije. Mugomba kubiha agaciro. Twegereje itotezwa ry'idini hakoreshwa ibyakoreshwaga na kera mbere y'imyaka myinshi muri Roma ya gipagani, kuko ari NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho, mubyitondere: "Yari yicaye ku nyamaswa, imbaraga."

29 Mwaba mwibuka Rebecca? Ubwo Eliezer yahuraga na Rebeka, hari igihe cy'umugoroba kandi yuhiye ingamiya. Mbese, Eliezer yari yavuze ati: "Umwari uzampa amazi yo kunywa, akuhira n'izi ngamiya, azaba ari we, Mwami, watoranirije kuba umugeni w'umugaragu wawe, Isaka." Mugihe yari agisenga, Rebeka haza we, avoma amazi, amuha amazi yo kunywa maze yuhira na za ngamiya. Murebe, ingamiya ni inyamaswa. Kandi iyo nyamaswa yuhiye ni yo yamuhetse imushyikiriza umukwe we, Isaka.

30 Kandi ubu, imbaraga z'Umwuka Wera Itorero ryuhira kandi rikaramya ni zo zizamuzamura gusanganira umukwe. Nta kabuza. Hari nimugoroba, ubwo Isaka yari hanze mu murima. Ntituzasanga Umwami mu Bwiza. Abefeso 5, harabivuga hati: "Tuzamusanganirira mu kirere." Yoo, ibyo byatera umumetodisite asimbuka anasakuza. Mubitekerezeho. Murabona? Umwami…

Isaka yari yasohotse mu nzu ya se, yari hanze, mu murima, ubwo yabonaga Rebeka atungutse yicaye ku ngamiya. Maze ahita amukunda akimukubita amaso; asimbuka ava ku ngamiya, yirukankira kumusanganira. Ni ukuri. Ni uko dusanganira Umwami. Kandi ya ngamiya yuhiye niyo yamuhetse imugeza ku mugabo we. Kandi za mbaraga Itorero riramya, izo isi yita ibikabyo, izo Itorero riramya, ni zo zizazamura Itorero mu kirere "gusanganira Umwami mu kirere". Mwuka Wera! Murabona? Hari… Kandi, murebe, Rebeka yari umwari.

31 Naho umugore tuvuga hano ni maraya. Noneho, mwaba mwasobanukiwe icyo izo mbaraga ari cyo ? imbaraga… bishaka kuvuga ko inyamaswa… yari yicaye ku nyamaswa itukura. None, ni inyamaswa bwoko ki ? Iratukura, ni imbaraga zikize. Rizaba itorero bwoko ki ? Ni itorero rikize, ni itorero rinini, itorero ry'imbaraga, riganje abantu benshi n'amoko ; kandi abami b'isi basambanye na we mu buryo bw'umwuka, ni ukuvuga abakomeye bo mu isi. Noneho, tugiye kubona mu kanya uwo ari we n'iby'ayo madini uko bimeze.

> *Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri (nk'umwami) yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe.*

Yari afite iki mu kiganza cye ? Amahame ye, agabanya abantu : "Itorero ni twebwe. Ibi ni twebwe." Kandi yishoye mu busambanyi n'ubusinzi hamwe n'abami bo mu isi. "Ibi ni twebwe ; turi ibihangange; tubarizwa mu bihugu byose; ni twe torero rirusha ayandi gukomera. Nimuze, munywe… Nimwakire, musukeho gake. Nimwakire, nimwakire." Ni ibyo. Murabona? "Yari afashe igikombe mu kiganza cye."

32 Nimurebe.

> *Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe.*

Noneho, ncuti zanjye, ntabwo turiho dusoma ikinyamakuru, dusoma Ijambo ry'Imana ry'iteka kandi ryahawe umugisha. Ijuru n'isi bizashiraho, ariko iri Jambo rizahoraho. Ni ukuri.

> *Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane:BABULONI IKOMEYE,NYINA W'ABAMARAYA,KANDI NYINA W;IBIZIRA BYOSE MU ISI.*

33 None, nimwakire, hashize igihe gito, sintekereza ko ari muri iri torero, ariko nabwirije ku mutwe w'ikibwiriza Inyandiko ku gikuta, maze nerekana amateka ya Babuloni. Kandi, amatwara "isme" yadutse, amadini yose n'amatwara yose ariho ubu mu isi afite inkomoko mu Itangiriro. Niba mufashe rero za Babuloni zombi za Hislop cyangwa bimwe muri ibyo bitabo byiza, niba mushaka kubibona mu mateka, muzanashobora kubona buri matwara yose mushaka. Ndahabageza mu minota mike, ku bireba abagore b'abavugabutumwa (murabona?) kandi ndabereka aho byahereye, murabona, mu Itangiriro. Ndabereka uburyo ibyo bintu binyuranye bikomoka mu Itangiriro. "Itangiriro" risobanura "aho ibintu byose byatangiriye." Ni bangahe bazi ko ari ukuri? Itangiriro, ni aho ibintu byose bitangirira. Rero, ikiriho cyose kigomba kugira itangiriro.

34 Iyo nitegereje igiti… nigumiye mu mashyamba mu gihe cy'amezi abiri, atatu. Mbona igiti, nkagishimira ubwiza bwa cyo. Mbona kigwa hanyuma ikindi kigashibuka mu mwanya wa cyo: ubuzima buzira iherezo. Mbitekerezaho, ariko ahantu hamwe, icyo giti cyagize itangiriro. Cyagombye kugira itangiriro n'uburyo bwo kwitwa igiti, cyaba umunazi, umuvumu, libuyu, inturusu cyangwa icyo ari cyo cyose, ni uko hagombaga kuba Ubwenge bw'ikirenga inyuma ya byo. Iyo hajya kuba umunazi wonyine, hajyaga kuba iminazi yonyine mu isi. Ariko Ikintu kimwe, Ubwenge Bukomeye bw'ikirenga bwabishyize muri gahunda.

Izina Ryayo Ryera rishimwe ! Ni Yo yashyize ukwezi, inyenyeri mu myanya aho bigaragiye izuba. Yashyize byose muri gahunda. Kandi Izashyira Itorero Ryayo muri gahunda. Rizitwara neza na neza nk'uko Ibishaka, i burasirazuba, i burengerazuba, mu majyaruguru cyangwa mu majyepfo, icyo Ishaka cyose. Ubwo tuzashobora kuvana mu bwenge bwacu ibyo bitekerezo by'amadini tukanijugunya byuzuye i Kaluvari, Izarishyira muri gahunda, nitwumvira nk'ibiti n'ibindi byaremwe Byayo. Ntimwigeze mwumva ukwezi kuvuga kuti : «Sindi bumurike uyu mugoroba; zimwe muri mwe mwa nyenyeri mwe, mumurike mu mwanya wanjye. » Ariko twe… Yoo, turanyuranye, murabona ?

35 Noneho, Babuloni… mwitegereze uburyo Babuloni yatangiye. Yatangiranye n'itangiriro rya Bibiliya. Igaragara hagati muri Bibiliya no mu Byahishuwe. Hari icyo bivuze. Mbese, yatangiranye na Nimurodi. Nimurodi yahanze Babuloni mu kibaya cya Shineyari, kigoswe n'inzuzi ebyiri Tigre na Euphrate. Ephrate yagicagaga hagati. Buri muhanda w'icyo gihugu wa bonezaga i Babuloni. Inzugi zayo zapimaga 60 m z'ubugari kandi zikoze mu miringa. Kandi iyo wabaga uri imbere mu murwa wa Babuloni, uduhanda twose twabonezaga ku cyicaro cy'umwami.

36 Ubu, mushobora kujya i Roma, kandi ngo inzira zose zigana i Roma. Kandi aho ugeze hose, uhasanga ishusho ya Bikira Mariya uhagatiye akana kirisito, gatunga urutoke i Roma. Murabona! Iboneka mu itangiriro rya Bibiliya. Iboneka hagati muri Bibiliya, no mu Byahishuwe. Noneho ndashaka gukomez gusoma mu minota mike, kugira ngo mubashe kugira urufatiro rw'ibi. Murabona? Ni byiza cyane. "Maze mbona uwo mugore…" (Noneho mwitegereze itorero. Nimubona ijambo "umugore", mwumve "itorero". Murabona?)

> *"Maze mbona uwo mugore yasinze amaraso y'abera."*

Noneho, ijambo "uwera" rikomoka he? Ijambo "uwera" rikomoka ku "kwiyegurira Imana" cyangwa "kwezwa." Kwiyegurira. Ni byiza cyane.

37 Mbona uwo mugore yasinze amaraso y'abera.

Rero, niba uwo mugore ari itorero, yatoteje abera. Kandi ni ryo torero rirusha ayandi gukomera. Ritegeka isi yose. Ryicaye ku mazi magari. Abami bo mu isi bishoye mu busambanyi hamwe na we. None, ni nde? Ni ubwiru. Noneho, Mwuka ajya… Murabizi, hagomba kuba impano cyenda z'Umwuka mu Itorero: ubwenge, undi agahabwa gusobanukirwa, undi agahabwa gukiza indwara, n'ibindi.

> *N'amaraso yabahamya ba Yesu.*

Wagira ngo ntibitaye kubyo Yesu yari yavuze, ni cyo itorero ryavugaga, ni ukuri.

38 *Kandi mu kumubona, naratangaye cyane.*

"Naratangaye cyane. Hari icyari gitangaje kuri we. Natangajwe no kubona uburyo agira…" Noneho, reka mfate umwanya wa Yohana maze ngerageze gusobanura ibi. Murabona? Yohana avuga ati: «… Yicaye hariya. Rivuga ko ari itorero rya gikirisito. Yikubira amafaranga y'isi yose." Ategeka abami bisi yose. Ni umutunzi, yambaye imyenda y'igiciro kinini. Bishoboka bite ko asinda amaraso y'abahamya ba Yesu ? Yashobora ate kurenganya abera ? Yashobora ate kwica abahamya za Kirisito ? Kandi ibiri amambu, yiyita umukirisito, itorero rya gikirisito ».

39 noneho, mwitegereze.

> *Maze Marayika ambwira ati : utangajwe n'iki ? Ndakubwira ubwiru bw'uriya mugore n'ubw'inyamaswa imuhetse, ifite imitwe irindwi n'amahembe, amahembe cumi.*

Rero, ibi ni ugusoma gusa. Mubisobanukirwe ; biraba byoroshye cyane.

> *Inyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kuzamuka ive i kuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho.*

Rero, ibi bigomba kubabaza, noneho, murebe ko bose, si bamwe na bamwe, ah'ubwo ko abari mu isi bose bazatangara. Bose bazatangara. Isi yose izatangazwa n'iby'uwo mugore. Hari itsinda rimwe rukumbi ritigeze ritangazwa n'ibyo, kandi ni abo amazina yabo yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama.

40 Noneho, naba ngize neza gutangiza ibi kuri uru rwego, kuko tugiye kubigeraho mu minota mike. Murabona ? Ni ryari amazina yabo yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama ? Uhereye… Ryari ? igihe cy'ububyutse bwanyuma ubwo barimo ? Umugoroba ubwo bajyaga ku gicaniro ? Umugoroba ubwo bisungaga itorero ? Singendereye kubababaza, ah'ubwo Bibiliya ivuga ko «amazina yabo yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama, isi itararemwa.» Ni byo ! Ni igihe Imana, mu ntangiriro, Yabonye ko Yajyaga kohereza Umwana Wayo, maze uyu Mwana akajya mu cyimbo cy'umunyabyaha, ubwo amaraso y'Umwana w'Imana yamenekaga. Bibiliya ivuga ko amaraso Ye yamenetse isi

itarashyirirwaho urufatiro. Ni bangahe bazi ko Bibiliya ivuga ko amaraso ya Kirisito yamenetse mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro? Ubwo aya maraso yamenekaga, izina rya buri rugingo rw'Umubiri wa Kirisito ryandikishijwe aya maraso, mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro. Ni iki kibateye ubwoba ako kageni ? Yoo, mwene Data, ibi bikingura inzugi, si byo ?

41 Noneho, tubisome maze turebe niba icyo bivuga ari ukuri. Murabona?

Maze Malayika ambwira ati: "Ni kuki…" nkeka ko ari umurongo wa 8. Inyamaswa ubonye… ni byiza cyane, ni ibyo.

*Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho. Kandi igiye kuzamuka iva ikuzimu…*

Noneho, turabigarukaho, ariko ngiye gufata ibindi kuko turi bubigereho.

*… ijye kurimbuka. Kandi abari mu isi amazina yabo atanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho.*

Mu yandi magambo, hazaba abantu ku isi bazayobywa. Kuko yabayobeje. Ariko habayeho itsinda ry'abantu ritigeze riyobywa, ni abo amazina yabo yari yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo uhereye ku kuremwa kw'isi. Tuzaba tubigarukaho.

42 Noneho, murebe, umugore, idini, yari «Ubwiru Babuloni». Turaribona ritangirana na Nimurodi. Nimurodi yari afite mugambi ki ? Nimurodi yahanze umurwa mukuru kandi ategeka indi mirwa yose kujya bamusorera. Hari aho twashobora kubona ibisa bityo ubu ? Umurwa nk'uwo uracyabaho? Hari idini riganje amahanga yose? Ntagushidikanya rirahari. Hari umurwa utegeka buri shyanga kuwuha umusoro?

Dukomeze dusoma imirongo mike, kugira ngo musobanukirwe neza ishusho yabyo yose. Ni byiza cyane.

*Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kongera kugaragara. Ubu ni bwo bumenyi burimo ubwenge.*

Mbese, ni bangahe bazi ko ubwenge ari imwe mu mpano za Mwuka Wera ? Rero, ni irihe tsinda abwira ? Agomba kuba abwira abantu bafite impano za Mwuka zikora muri iri torero.

*«Ubu ni bwo bumenyi burimwo ubwenge.»*

43 Noneho, mutuze, murebe uko ibihe by'itorero bigenda bisimburana, ni ko bigenda bihishuka. Mwuka Wera avuga uburyo izo mpano zajyaga kwigaragaza mu bihe bya nyuma. Rero, dufite kwigaragaza kw'impano zo gukiza indwara. Yoo, ibyo bigenda neza. Rero, bene Data, hari n'izindi mpano. Iyo, ni imwe muri zo. Ni ikintu gito kitari ingenzi. Noneho, dore impano y'ikirenga. Muri izi zombi ni iyihe y'ingenzi: impano y'ubwenge itanzwe na Mwuka Wera, ishyira hamwe Ijambo ry'Imana yereka itorero uko duhagaze, cyangwa se byonyine umuntu gukira indwara ? Twese dukeneye gukira indwa, ah'ubwo nahitamo agakiza k'ubugingo kundutira gukira k'umubiri, ibihe byose. Yoo, la la !

Nimwumve Mwuka Wera avugira muri Yohana i Patimosi, avuga ati : «Ufite ubwenge, yumve ibi.» Noneho, hari ishusho, iriho yishushanya imbere yacu. «Ubu ni…»

44 *"Ubu ni bwo bumenyi burimo ubwenge. Imitwe irindwi ni yo misozi irindwi, iyo wa mugore yicayeho."*

Uko mbizi, mu isi, hariho umurwa umwe gusa…

Uko mbizi, hari imirwa ibiri yubatse ku misozi irindwi, cyangwa inarenga. Cincinnati ni umwe muri yo, hari amateka y'amahimbano avugwa kuri Cincinnati, ay'ikirura, murayazi n'ayandi. Ariko ifite n'arenze ayo. Cyakora, nta dini na rimwe riganje i Cincinnati. Hariho umurwa umwe musa mu isi urimo idini ryicariye imisozi irindwi kandi riganje isi yose. Mbese, niho mvuye. Ibyo byose… nabonye ahanditse ngo: "Aha ni ho ubwenge buri." Ibyahishuwe 13: "Ufite ubwenge abare umubare w'iyo nyamaswa kuko ari umubare w'umuntu, si uw'itsinda ry'abantu, ah'ubwo ni uw'umuntu. Kandi umubare we ni 666".

45 Nakundaga kumva ko hejuru y'intebe ya Papa w'i Roma, handitse ngo: "VICARIUS FILII DEI (Uri mu cyimbo cy'Umwana w'Imana)". Nakunze kwibaza niba byari ukuri. Muce umurongo maze mujonjoremo imibare y'ikiromani, maze mubone ikibyihishemo. Ni ukuri kose. Nitegereje ingofero aho yari ibitse mu birahuri - isobanura ubutware ku kuzimu, ku ijuru no kuri purugatori. Murabona? Rero, ibyo bintu… Ni bwo nkivayo. Nturutse i Roma kandi nzi ko ari ukuri. Noneho, tuzi bihishuwe.

Muri aba bami barindwi, abatanu baraguye (ni ukuvuga muri kiriya gihe), "Umwe aracyariho (hari umwe wagombaga kuzaza: yari Kayisari); undi ntiyari yaza (yari Herode wari umugome);…"

Noneho, mwitegereze. Murabona ukuntu bitunganye.

*Kandi igihe azazira, agomba kuhaguma igihe gito.*

Hari uwaba azi uburambe bw'ingoma ya Herode? Amezi atandatu. Yakurubanye nyina mu mihanda akoresheje ifarashi, yatwitse umurwa maze abyitirira abakirisito; hanyuma acuranga inanga mu mpinga y'umusozi ubwo umurwa washyaga. Amezi - atandatu. Murabona? "Ya nyamaswa…" Noneho, mwitegereze. Murebe uburyo yari umuriganya.

46 Mwitegereze rero.

*Iyo nyamaswa yahozeho, ikaba itakiriho, yaba ubwayo ari umwami wa munani, kandi ibarirwa mu mubare karindwi* (muri kamere ya karindwi)*,@@ hanyuma ijya kurimbuka.*

Ntawe utazi icyo irimbukiro rishaka kuvuga, ni "i kuzimu." Kandi mwitegereze aho yaturutse: i kuzimu. Amahame y'idini gatolika nta shingiro afite. Amahame y'idini gatolika nta Bibiliya afite. Nta byo bateganya. Hari umupadiri, padiri w'urusengero rwa Sacre - Coeur wambwiye… Nagiyeyo maze ambwira ati: "Yoo, a…" namubwiye umubatizo wa Mary Elizabeth Frazier. « Avuga ati : mwamubatije mu buryo bw'Itorero gatolika rya kera. »

Ndamubaza nti : « Ibyo ni ibya ryari ? »

Ansubiza ati : « Biri muri Bibiliya, Bibiliya yawe. »

Mvuga nti: "Itorero gatolika ryigeze ribatiza ritya ?... Byaba ari inyigisho z'Itorero gatolika?"

"Yego."

Mvuga nti: "bimeze bite ibyo kutibeshya kw'Itorero gatolika? Kuki bihindagurika cyane?" Murabona?

Asubiza ati: "Mbese, murabona, mwebwe mwese, mwizera Bibiliya. Twebwe, twizera itorero." Murabona? "nta gaciro duha icyo Bibiliya ivuga, agaciro tugaha icyo itorero rivuga." Ni ibyo rwose. Icyo Bibiliya ivuga nta cyo kibabwiye. Bashishikajwe n'icyo itorero rivuga. Murabona?

Naho twebwe, ntidushishikajwe n'icyo itorero rivuga, twizera icyo Imana ivuga. Amen! Kuko muri Bibiliya, handitswe ngo: "Ijambo rivuzwe n'umuntu ryose ribe ikinyoma naho Iryanjye ribe Ukuri." Ni yo mpamvu tutari idini.

47 Noneho, mukurikire. Mutege ibi amatwi umunota umwe. "Abami batanu" baraguye, abami batanu; niba mushaka igihamya gishingiye ku mateka kuri byo, nzakibereka. "Umwe ariho, undi ntaraza." Noneho, mwitegereze umutwe. Mbese, iyo nyamaswa ntiyari umwami. Ni iyahozeho,ikaba itakiriho kandi ikazongera kugaragara, itariho, ikazongera kugaragara kandi itakiriho. Ni ibiki? Imisimburanire y'abapapa. Imbaraga, inyamaswa iyobora. Ni igihe Roma mpagani yahindukagamo Roma ya gipapa. Roma mpagani yahindutsemo ubupapa, ku buryo bagize umupapa mu cyimbo cy'umwami kandi papa ni umwami wo mu buryo bw'umwuka. Ni yo mpamvu ari umwami wo mu buryo bw'umwuka wambaye ikamba, uvuga ko ari mu cyimbo cya Yesu Kirisito. Turi kumwe.

48 Mwitegereze rero.

Tugiye gushyira ahagaragara aya mahame gatolika maze tubereke uburyo yacengeye mu matorero ya goporoso. Murabona? Uburyo yiganje mu itorero rya giporoso. Ibintu bihabanye cyane na Bibiliya. Rero, mwibuke: "Bose abo amazina yabo atanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo uhereye ku kuremwa kw'isi bazayobywa."

49 Turebe:

*Iyo nyamaswa yahozeho, ikaba itakiriho,*

(mu murongo wa 11)

*yaba ari umwami wa munani, kandi ibarirwa muri ba barindwi, maze ijya kurimbuka.*

Izakomeza ityo kugeza igihe igwiriye mu irimbukiro, ku iherezo.

*Amahembe cumi wabonye ni abami cumi.*

Noneho, mukurikire ibi. Niba mushaka kubona ikintu cy'ingenzi, mwitegereze ibi: …

*ni abami cumi, batari bahabwa ingoma, ariko bagahabwa ubutware nk'abami mu gihe cy'isaha hamwe n'inyamaswa.*

Si abami bimitswe. Ni abanyagitugu. Murabona ? Ntibigeze bimikwa nk'abami, ariko bahabwa ubutware nk'abami mu gihe cy'isaha, igihe cy'ingoma y'inyamaswa. Ni mu gihe cy'umwijima, ubu nyine, ubwo abanyagitugu bagaragara. Murabona ? « Bahabwa ubutware nk'abami mu gihe cy'isaha hamwe

n'inyamaswa. » Rero, ni byiza cyane.

50 *Bafite umugambi umwe, kandi baha ya nyamaswa imbaraga n'ubutware byabo. Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha*

(icyubahiro !)

*kuko Ari Umutware utwara abatware n'Umwami w'abami ; kandi abahamagawe, abatoranijwe, n'abizerwa bari kumwe na We bazabinesha na bo.*

Nifuzaga kubwiriza ikibwiriza none aha kuri byo ; abatoranijwe isi itarashyirirwaho urufatiro, bakomeza kuba abizerwa ku muhamagaro wabo. Haleluya ! Ni ibyo. Ni abahamagawe, intore n'abizerwa. Bazanesha. Nta cyo bibabwiye uko bagenda barushaho gukomera.

51 Kandi ayo matwara akomeye ya gikomunisite dufite ubu, ntibibakure umutima. Biriya bikorera neza na neza mu kuboko kw'Imana. Nabibahamirisha iyi Bibiliya. Izayibabaza ku bwa buri wese yishe imuhora Imana. Yego, yego. Mwitegereze, abo bami bose barumvikana hagati yabo kandi bazanga iyo nyamaswa. Kandi igihugu cyose, isi yose yuzuye ubukomunisite. Mbese, bigomba kuba ari igikorwa cy'Imana kigendereye kuyihana. Muzavuga muti : «Tegereza umunota umwe, Mwene Data Branham, ubukomunisite, igikorwa cy'Imana ?» Cyane. Nta kabuza ni igikorwa cy'Imana, ni ko Bibiliya ivuga. Iriho irabacengeramo kugira ngo ibahindukirire iteka baciriweho. Hasigaye iki muri iyi si?

52 Ngiye guhagarika icyigisho cyanjye umunota umwe, niba bishoboka. Nasomaga umurongo w'Ibyanditswe Byera ahavuga ko umwana w'ikinyendaro atashoboraga kuza mu materaniro y'Uwiteka kugeza ku gisekuru cya cumi na kane. Ni bangahe babizi ? Ni ukuri. Gutegeka kwa kabiri 23. Umwana w'ikinyendaro… niba umugore afatiwe mu gasozi, aho adashobora kubona ubutabazi bw'abantu, maze umugabo akamufata ku ngufu, uwo mugabo agomba kumurongora. Kandi n'iyo yahinduka indaya, agomba kuzabana na we kugeza batandukanijwe n'urupfu. Kandi iyo uwo mugore. Niba rero uyu mugore arongowe n'undi mugabo, amubeshya ko akiri isugi, ashobora kwicwa ari byo azize. Kandi umugabo n'umugore bashakanye… niba umwe muri bo abyaye ikinyendaro, iki kinyendaro ntikizinjira mu Iteraniro ry'Uwiteka keretse nyuma y'ibisekuru cumi na bine. Kandi igisekuru kingana n'imyaka mirongo ine; bizasaba imyaka magana ane kugira ngo icyo cyaha gikurwe muri Isirayeri.

53 Imana yanga icyaha. Ufite byiringiro ki, umaze guhonyora Amaraso Yera y'Umwami Yesu, kuba byonyine uri mu idini, urumva bizakwinjiza? Ugomba kwinjira wujuje ibisabwa n'Imana, bitabaye ibyo, kwinjira ubyibagirwe. Ni ukuri. Kuba abadiyakoni, abatambyi cyangwa abandi, ibyo ntibihagije. Winjizwa no kuzuza ibisabwa n'Imana.

Ibisekuru cumi na bine. Umuntu twajyaga impaka na we ari hano. Yavuze ati: “ni nde wamenya niba azarokoka?”

Musubiza nti: “Ni aho ugomba kubera umukaluvinisite mwiza.” Izina ryawe ryanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo uhereye igihe isi yashyiriweho urufatiro. Imana ikurukiza urwo ruhererekane rw'amaraso. Ni umurimo Wayo. Murabona?

54 Mutege amatwi rubyiruko. Sinzi niba muri abo muri iri Torero cyangwa irindi, mwebwe abahungu n'abakobwa. Mwari muzi ko ibyo mukora ubungubu, niba habayeho ikindi gisekuru, abana banyu bazabiryozwa? Ntimwiyubaha? Ntimutinya kwiyambika ubusa? Mwebwe, bakobwa mwambara utwo dukabutura tugufi n'ibindi, hano hanze, mwari muzi ko ibyo bigira ingaruka ku bakobwa banyu? Mwari muzi ko nyogokuru wanyu yari agakobwa k'agashizi k'isoni muri za 20? Kandi ko nyoko yari umuririmbyikazi muri korali? Akaba ari yo mpamvu uri imbambare. Ntagushidikanya. Abana banyu bazavamo iki? Yego, yego. Imana yavuze ko Izahora abana gukiranirwa kw'ababyeyi babo kugeza ku buzukuruza no ku buvivi: igisekuru cya kane.

55 Mwene Data, waba uzi ko icyiza ukora cyose, kizagira ingaruka ku bana bawe?

Murebe hano. Dufate Abaheburayo 7. Bibiliya ivuga ko ubwo Melikisedeki yajyaga gusanganira Aburahamu wari avuye gutsinda abami, Yamuhaye umugisha. Kandi havugwa ko Lewi… Havugwamo gutanga kimwe mu icumi. Uwiteka yari yarategetse Lewi kwakira kimwe mu icumi agihawe na bene se. Kandi Lewi, wahabwa kimwe mu icumi, nawe yaragitanze kuko yari akiri mu rukiryi rwa Aburahamu ubwo Aburahamu yahuraga na Melikisedeki. Aburahamu yari sekuruza wa Lewi. Aburahamu abyara Isaka, Isaka abyara Yakobo; Yakobo abyara Lewi. Lewi, se, sekuru, sekuruza. Ubwo Lewi yari akari mu rukiryi rw'Aburahamu, Bibiliya itubwira ko yahaye Melikisedeki kimwe mu icumi. Haleluya!

Ntimuzemere ko hagira amatwara n'amwe mu isi yavuguruza umugambi w'Imana. Umugambi w'Imana ukomeza kujya mbere. Byari byarateganijwe uhereye mu ntangiriro. Nta dayimoni zihagije zihari zo kurogoya umugambi w'Imana.

56 Kandi Bibiliya ntivuga ko yari afite ubushobozi bwo gutanga kimwe mu icumi. Bibiliya ivuga ko yatanze

kimwe mu icumi ubwo yari akiri mu rukiryi rwa sekuruza. Icyubahiro! Uwo ni Umwami wanjye! Yoo! Yari abizi ndetse mbere y'uko isi iremwa. Yari azi buri kintu. Kandi akiri muri Aburahamu, yatanze kimwe mu icumi.

Kandi, mwene Data na mushiki wanjye, ni gute mwazerera hano, abagabo basigaye bibanira n'abagore b'abandi kandi, mwebwe bagore, musenya ingo maze mukabaho uko mubayeho? Mushaka ko ikindi gisekuru kimera gite? Dore uko bimeze. Ubu bigeze aho biba ikirundo cy'ibinyendaro, byavukiye mu mwanda, ikirundo cy'ibiboze. Bishigaje ikintu kimwe rukumbi, kandi turi mu gihe cy'ibisasu bya kirimbuzi. Ni ukuri kose. Turi mu bihe bya nyuma.

57 Iki gitondo, hariya mu misozi ya Kentucky, hari umwana muto w'umuhungu; ntibyari byoroshye kugera muri metero eshatu (3m) z'aho yari ari. Yashigishaga igikoma cy'amasaska. Ashobora kuba Atari azi gutandukanya ikiganza cye cy'iburyo n'icy'ibumoso. Ubwo yumvaga… nari nageze mu ishyamba rikomwe. Sinari nzi aho nari ndi. Nari ndi muri bumwe muri ubwo buvumo, najyaga guhiga udutimba hariya, maze ntangira kumuvugisha. Hanyuma uwo muhungu ambwira ko yari agiye kwinjira mu gisirikare. Igihe cyaje kugera tuvuga iby'Umwami. Ambwira ati: "Muvugabutumwa, ntiwemera ko turi mu bihe bya nyuma?" Hariya kure mu misozi.

Musubiza nti: "Tubirimo tudashidikanya. Nta gushidikanya, mwana, turi mu bihe bya nyuma."

58 Ni ho turi. Ni byo bihe turimo, mwene Data. Ni ho turi… Ntimushobora kubona uburyo ba mama na ba data babayeho, na sogokuru na nyogokuru? Ntimushobora kubona uburyo so na nyoko babayeho? Ntibitangaje ko tuba mu biboze ubu. Ntibitangaje ko wabwiriza byo kuba wata umutwe, bazakomeza kwambara amakabutura uko biri kose hanyuma bagucire mu maso. Bazanywa itabi maze bakuvunderezeho umwotsi bavuga bati: "Wite ku bikureba." Kuki? Kuko ari wo muryango bakomokamo. Ngiye kugera kuri urwo rubyaro rw'inzoka. Kandi tugiye kubona aho rwinjirira, kubona impamvu bagira kuriya. Ni abana b'inzoka uhereye ku kuremwa kw'isi. Ni ukuri. Kandi turi mu… Nta kindi dushigaje, uretse urubanza. Nta kindi gisigaye kitari urubanza. Imana izakubita byose. Kandi ni abantu ubwabo babishotoye. Ntibyari ubushake bw'Imana ko biba bitya, ariko Yari izi ko byajyaga kumera bitya. Ni yo mpamvu yavuze ko yajyaga kuyobya abatuye isi bose, keretse abo amazina yabo yanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama uhereye ku kuremwa kw'isi.

59 Dukurikire ibyo. Dusome byinshi noneho. Rero, nemera ko turi ku murongo wa 12.

> *Ya mahembe cumi wabonye ni abami cumi, batarima, ariko bahabwa gutegekera hamwe na ya nyamaswa nk'abami kumara isaha imwe. Abo bahuje inama, baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo. Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari We Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe na We bahamagawe batoranijwe bakiranutse na bo bazayinesha. Ni uko arambwira ati: ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n'amateraniro y'abantu n'amahanga n'indimi. Ya mahembe cumi wabonye na ya nyamaswa bizanga maraya uwo.*

60 Mwitegereze rero ibyo: "ayo mahembe cumi", ubwo bwami cumi. Murabona, ikintu cyose kijya mu mwanya wa cyo, icyo bariya banyagitugu bari cyo. Mwitegereze icyerekezo cy'abo banyagitugu. Mbese kibaganisha he? Nimumbwire umunyagitugu nibura umwe udahengamiye ku bukomunisite. Murabona? None bazakora iki? Bazanga maraya uwo, umugore, itorero. Ngo iki? Noneho, murebe icyo bagiye kumukorera.

> *"Bazanga maraya uwo, bamucuze, bamwambike ubusa, barye inyama ze hanyuma bamukongoze umuriro."*

61 Bazahanagura icyo kintu ku ikarita, uko ni ukuri kudashidikanywa. Iyo tuba twari dufite igihe cyo kugira icyo dukora ku birebana n'iryo torero no kubikurikirana tunyuze mu Byanditswe, twabona ahavugwa ngo: "Abami bo mu isi bose n'aberekeza bose n'abandi bose bazaboroga, kuko mu isaha imwe, Babuloni ikomeye izaba irimbutse." Mu isaha imwe, iherezo ryayo rirasohoye. Yoo, handitswe ngo: "Wa juru we, namwe abera, intumwa n'abahanuzi, muwishime hejuru kuko Imana iwuciriyeho iteka ibahorera!" Murabona, ni ukuri. Nta gushidikanya, ubukomunisite ni igikoresho kiri mu kiganza cy'Imana nk'uko Nebukadinezari yari ari, ubwo yazaga gutwara abayuda maze bakagenda bambaye ubusa.

62 Icyaha gishobora gukomeza kwangiza; imbuto y'umukiranutsi ishobora kuguma aho. Imbuto ishobora gukomeza kwangirika, kwangirika, kwangirika kugeza ubwo, mu kanya, igera ku iherezo. Bigera ubwo, kuko ba nyina na ba se babayeho batyo mbere yacu, nta cyo dushigaje. None muzi icyo Yesu yavuze? Ngo iyi minsi iyo iza kuba itaragabanijwe, ntihajyaga kugira n'umwe urokoka.

63 Mushobora kubona? Mushobora kubona impamvu dufite ba - sinegurana - ba Arthur Godfry n'abandi, murabizi, Elvis Presley n'ampantalo ye agera hasi, amasalubeti n'imisatsi yabo igwa ku majosi, n'ibyo bintu byose bikorwa n'ingimbi? Biterwa n'iki? Ni iki? [Mwene Data Branham akubita ku gicaniro inshuro cumi n'imwe - Umwanditsi] Ni uko ibyo bivuye ku bantu b'ibinyendaro babayeho mbere. Nta gisigaye. Yoo!

Bazahaguruka maze baririmbe Mana yanjye, ndusheho kuba hafi Yawe nka Ernie umusaruzi w'amashaza n'abandi, nk'uko, baririmba bw'indirimbo n'ibindi nk'ibyo. Bene Data, muzi ibyo ari byo? Ibyo, ni uburyarya bidasubirwaho. Yego, yego.

64 Umuntu nta mwanya afite ku gicaniro niba ajya kubyina rock'n'roll na boogie woogie n'ibindi bisa bityo. Nta kintu na busa afite cyo gukora hano inyuma. Ibi byagenewe abatambyi, abahamagawe n'Imana. Abatambyi bahamagawe n'Imana ni bo bagenewe umwanya wo ku gicaniro. Ntibagenewe uyu mwanya niba bakora ibisa bityo. Ni aho ahari ikibazo cya none. Urusengero baruhinduye inzu y'amacumbi. Inzu y'amacumbi, ni gahunda niba mushaka kubikora, ni akazi kanyu. Ariko mundeke mbabwire ko hari ikinyuranyo gikomeye hagati y'inzu y'amacumbi n'urusengero. Yego, yego. Niba mushaka gukora ibyo bintu mu nzu y'amacumbi kandi ukakirwa n'ibindi, ni akazi kawe. Ariko, mwene Data, urusengero rwakagombye kuba rukubuye hose. Ni ukuri. Sinshaka kuvuga gukubura ushyiraho amadirishya mashya n'ibindi. Ndavuga ububyutse bwa kera, bwoherejwe n'Imana, buzihutisha icyo kintu mu byerekezo byose. Yego, yego. Ni nko kumurikisha amashanyarazi ibinyenzi biri kuri pome; yego, yego. Bizahera ko bikwira imishwaro bikibona umucyo.

65 Noneho, mwitegereze: "Abo bahuje inama, baha imbaraga zabo…" Ubu ndi ahagana mu mirongo yo hasi cyane. "Amahembe cumi…" Yego, rero.

> *Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye, no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwabyo, kugeza aho ayo magambo y'Imana azasohorera. Wa mugore ni we wa mudugudu ukomeye abami bo mu isi.*

Nta cyo bimaze gusunika ibi cyangwa biriya, kuko tuzi ko ari inzego z'idini gatolika. Kuko ari nta cyo bimaze ko haba uwa… Nizera nshikamye gusa nk'uko mpamirijwe ko nakiriye Mwuka Wera. Ndabyizera nk'uko nizera ko ndi umukirisito hano uyu munsi, ko ziriya nzego z'idini ari umurwa wa Vatikani, umurwa wicariye udusozi turindwi. Inzego z'itorero ni zo ya nyamaswa yahozeho kandi ikaba itakiriho. Ni zo Babuloni. Ibyo byose bishushanywa neza na neza mu Byanditswe Byera. Ni itorero gatolika.

66 Noneho, dore ikigiye kubababaza. Muvuga muti: "Rero, ntumvuze, Mwene Data Branham." Ariko mureke ngire icyo mbibariza. Noneho, dusubireyo tuboneje ku murongo wa 5. Mu ruhanga rwe afite

> *izina ry'amayoberane ryanditswe ngo:BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI.*

Yari iki? M-a-r-a-y-a. Yari n-y-i-n-a. iki? N-y-i-n-a. Hari icyo yari yarabyaye. Nyina w'abahungu? W'abamaraya. Maraya ni iki? Ni umugore utiyubaha. Ni iki cyamutesheje agaciro? Amahame ye. Yibwiraga ko ari Itorero rya Kirisito kandi yamamaza amahame y'umuntu. Niba ari ryo dini rya mbere, rero bigaragara ko hari n'andi madini yamukomotsemo. Yari nyina w'indaya zose. Ni ukuri? Nyina w'indaya zose. Rero, ntiyashoboraga kuba nyina w'abahungu. Yashoboraga kuba nyina w'abagore. Kandi niba bari abagore, bari amatorero. Noneho reka tubisuzume.

67 Ni irihe dini ryabanje? Idini gatolika. Ni irihe dini ryabaye irya kabiri ? Luteri. Ni irihe ryabaye irya gatatu ? Zwingli. Ibyo byakomeje kubyara iki ? Calvin. Hanyuma tugera ku idini ry'abaporoso; tuva ku baporoso tugera ku bametodisite. Mu bametodisite havuyemo Alexandra Campell. Muri Alexandre Campbell hasohotse John Smith. Alexandre Campbell, ni Itorero rya Kirisito; hanyuma habayeho atatu cyangwa ane, Itorero rya Kirisito n'indi myizerere idahwitse isohokamo. Hanyuma habayeho ababatisite, yagabye amashami menshi. Kandi mu bametodisite habanje gusohoka abametodisite ba Wesley, hanyuma bitera imirwi ine cyangwa itanu. Hanyuma haza kubaho ubundi bwoko bw'abametodisite kandi na bo barongera babiyonkoraho. Hanyuma haje kubaho abametodisite bigenga. Muri abo havutse abanazareti, mu banazareti havutse abagenzi bera n'ibindi. Mbese n'indi myizerere idahwitse isohokamo, bikomeza bityo kugeza ku iherezo. Byose byabyaye iki? Byabyaye Pantekote.

68 Pantekote yakoze iki? Yakoze bimwe na nyina. Basubiye inyuma ako kanya, bishyiriraho inzego. None ibyo byahindutse iki? Byahindutse idini. Injira muri rimwe muri yo, ikintu cyambere bazakubaza ni: "Ugendera kuri mahame ki?" Ncuti yanjye, bazakubaza na kari i Murori kugira ngo bamenye icyo uri cyo n'icyo wizera. Mwene Data, niba mutabona ibintu kimwe na bo, bazahita baguca. Kandi ni ukuri.

Kandi ntuzibwire ko kuba uri umupantekotisite byonyine bihagigije. Mwene Data, abapantekote bayobye bangana n'abatarayobye. Ndabihamya. Murabona?

69 Noneho, ayo madini yose… iyo bajya kureka umugisha wa pantekote ugakomeza, batawugize idini, bakawurekera byonyine mu kivandimwe kandi bakarekera Mwuka Wera kwirobanurira. Ni Mwuka Wera urobanura. Ananiya na Safira binjiye rimwe barabeshya maze Mwuka Wera ababaza ati: "Kuki mwambeshye?"

Ariko tuvuga tuti: "Mbese! Ni mwene Data Dupond, hatagira umuvuga. Ni we utanga menshi mu itorero ryacu. Nzi ko afite Umwuka Wera. Namwumvise avuga mu ndimi, nabonye asakuriza mu Mwuka" Ibyo ni nko kumena amashaza ku ruhu rw'inka rwumye. Murabona? Ibyo ntaho bihuriye n'icyo Kintu.

Imana ni yo ica urubanza. Ni Yo imuhamiriza ko afite Mwuka Wera cyangwa atamufite. Nta kabuza. Naho twebwe, twakomeje idini ryacu: “Mbese twamujugunye hanze y'Amateraniro, abanyabumwe (unitaires) baramutoragura.” Abanyabumwe bamumaranye igihe gito, hanyuma, bamujugunya hanze. Mbese, ba Yesu Wenyine (Jesus Seul) baramutoraguye. Ba Yesu Wenyine bamujugunye hanze, Atoragurwa n'Itorero ry'Imana (Eglise de Dieu). Aba na bo baramujugunye maze atoragurwa n'Itorero ry'Imana ry'ubuhanuzi (Eglise de Dieu de la prophetie), aba na bo baramujugunye, atoragurwa n'ishyaka rya Tomlinson. Yoo !la la ! mwene Data, niba atari iherezo ! kandi ibyo bibera mu bapantekote, ububyutse bwa nyuma. None ubu, dufite « Ururimi rw'umuriro rw'ubururu », abaramyi b'amavuta, n'amaraso mu maso. Kandi yoo, impuhwe… Sinzi aho bageze ubu.

70 Byose byarangiritse. Mwaba muzi ko Bibiliya ivuga ko byajyaga kwangirika ? Mwaba muzi ko Bibiliya igena ko icyo gihe cyajyaga kugera ubwo ameza y'Umwami yajyaga kuzura ibirutsi ? Kandi handitswe ngo : « Ni nde Nakwigisha amahame ? Ni nde uzanyumva ? Kuko ari iteka ku iteka, iteka ku iteka, itegeko ku itegeko. » Ni nde Yakwigisha amahame ? Ni abacutse, abasezeye ibere rya nyina, murabona.

71 Mbese, nta mugore w'indaya wabona muri uyu murwa utashobora kubyara umukobwa w'isugi. Avukana ubusugi. Rero, ashobora gukura, ariko iyo mutabaye maso na nyina akaba afite iyo mico, abo bakobwa, icyenda mu icumi, bakora nka ba nyina. Mbese, muzi ko ari ukuri. Umukecuru w'indaya ashobora kugira akana k'agakobwa. Ako gakobwa gashobora kugira imyaka 16 kagitunganye, iyo aba ari ko kakomezaga. Ariko ikibazo ni uko azatangira gukora nka nyina.

72 Kandi, itorero gatolika ni ryo ryabaye indaya ishaje ya mbere yadukanye yishyiriyeho, ubukonikoni. Mbese, Bibiliya ivuga ko igiye kuzamuka ive i kuzimu ijye kurimbuka. Ni cyo Bibiliya ivuga. Rero, niba ari cyo bigisha, ni ikinyoma. Ni ikinyoma dukurikije Ijambo ry'Imana. Hanyuma muri ryo havuka itorero metodisite, inkumi nziza. None yakoze iki ? Yateye Imana umugongo, akora bimwe na nyina. Areka iteraniro rye bambara amakabutura. Arabareka bakinywera itabi. Arabareka bagakora ibibi nk'uko bakagombye… Ntibamagana ibibi. Pasitori wabo w'ikigwari, uri inyuma y'igicaniro, afite ubwoba bwo kuzatakaza, igihe kimwe, umushahara, cyangwa ipaki y'ibisuguti.

Hinga nkubwire, mwene Data, ko nahitamo kurya umugati ugwengeye, nkanywa amazi masa hanyuma nkavuga ukuri kuri icyo kintu. N'ubwo abo mu iteraniro ryanjye bose bahaguruka bakigendera,nababwiza ukuri kuri icyo kintu. Nta kabuza.

73 Habaye iki ? Yoo ! Ni itike y'ifunguro. « Mu by'ukuri, murabizi, ndi pasitori w'itorero rirusha andi gukomera muri uyu murwa. » Mwebwe, ababatisite n'abametodisite, mutega amatwi umuhanuzi w'ibinyoma. Mbese, birakakaye, ariko uwigisha ibihabanye n'iyi Bibiliya wese, ni umuhanuzi w'ibinyoma. Uko byaba binyuze amatwi kose, ntikubibuza kuba ubuhanuzi bw'ibinyoma. Ni ukuri.

Yoo ! byose biri muri gahunda niba izina ryawe ryanditswe mu Gitabo. Izina ryawe rishobora kuba ryanditswe mu bitabo cumi na bibiri ; niba ritari mu Gitabo cy'Ubugingo, urarimbutse. Ushobora kuba indashyikirwa, ushobora kuba umunyakuri, uboneye, ibyo ntaho bihuriye no kuba wanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo.

74 Witegereje nk'umuntu, Esawu yari akubye kabiri Yakobo mu butwari, yitaga kuri se wari ashaje kandi yarahumye n'ibindi. Naho Yakobo yari umuriganya, uhora afashe ingutiya ya nyina, inkoko yanyagiwe. Ariko Imana ivuga iti : « Nakunze Yakobo, nanga Esawu. », abo bombi ari ntawe uravuka. Ni Abaroma 8 habivuga. Ni ukuri kose.

Imana izi ikiri mu muntu. Izi n'ikiri mu itorero. Tubeshejweho n'umutsima w'Ubugingo, Umutsima w'Ijambo ry'Imana. Ngiyo impamvu tutari idini.

75 Noneho, nifuzaga kubaha ishusho nakoze hano: Mbese, mu Byahishuwe 19:2… Hari icyo nanditse. Ndashaka kureba kugira ngo mbone ibyo ari byo rero.

> *Kuko amateka Yayo ari ay'ukuri no gukiranuka. Yaciriyeho iteka maraya uwo ukomeye, wononeshaga abari mu isi ubusambanyi bwe, kandi imuhoreye amaraso y'imbata Zayo.*

(Ni iherezo ry'itorero gatolika.)

76 Bibiliya ntaho yigeze ivuga idini. Amadini akomoka mu itorero gatolika. Ni ryo nyina w'amadini. Buri dini rikomoka muri gatolika. Noneho, ibi biri busharire. Kandi bizagenda birushaho gusharira buri gihe. Murabona? Ndashaka ko mubona ko amadini adafite inkomoko mu Mana. Akomoka muri satani.

Itorero ry'Imana ni rimwe. Ntabwo twiremyemo ibice, tugize twese umubiri umwe, n'ibyiringiro bimwe, n'amahame amwe, turi umwe mu rukundo. Ngiryo Itorero ry'Imana nzima, turi umwe. Ni ukuri. Baba umumetodisite cyangwa umubatisite, mwene Data, niba avutse ubwa kabiri kandi akuzura Umwuka Wera, ni mwene Data. Turagendana. Ni ukuri. Yego, yego. Kuba twaraturutse mu madini atandukanye, ntibidutandukanya.

77 Mose… rimwe na rimwe, ndeba hirya no hino… bakambwira bati: "Uzi ko iri tsinda ry'abapantekote… Mwene Data Branham, kuki ukorana n'abantu nk'aba?" Murabizi? Mose yitegereje abana ba Israel, yabareberaga mu idirishya rimwe na Farawo. Farawo abonamo abakasi b'urwondo, naho Mose akabonamo Intore z'Uwiteka. Yari azi ko bafite isezerano. Abibwiwe n'iki? Abibwiwe n'Ijambo ry'Imana no kwizera… Mose, wari ugiye kuba Farawo, umwami w'isi yose, yari kwiyicarira hariya bakamusuka vino mu kanwa, abagore bamuhungiza. Nk'umwami w'abami, utegeka isi yose, Mose, intarumikwa y'imyaka 40, yari afite isi yose mu biganza bye. Ariko, yitegereje bariya bantu bakata urwondo, ahishuririrwa ko ari umwe muri bo. Haleluya! Ni ibyo. Yahishuriwe ko ari umwe muri bo. Kandi binyuze mu kwizera, yahisemo neza.

78 Buri wese agomba kugira amahitamo. Ugomba guhitamo. Noneho, mugiye guhitamo, muzahitamo ejo mu gitondo. Muzahitamo ejo nimugoroba, niba muzaba mukiriho. Mugomba guhitamo incuro imwe. Mwene Data, nahisemo kuva kera. Iyi Bibiliya ni yo nkoranyamagambo yanjye. Iyi Bibiliya ni yo Gitabo cy'Ubugingo cyanjye. Iyi Bibiliya ni Ijambo ry'Imana. Iyi Bibiliya ni yo imbeshejeho. Iyi Bibilliya ni yo Gitare mpagazeho.

79 Ni yo mpamvu Mose yarebye abana ba Isirayeli, ariko ntiyashimishwa no kuvuga gusa ati: "Yoo! Ni abantu beza. Ntacyo mbashinja. Yoo, oya, nta cyo mbanegura." Ni ko benshi bagenza ubu. "Yoo, aba bapantekote n'aba bantu bafite Umwuka Wera, na ba bantu bizera ko Imana ikiza indwara… Yoo, simbirwanya." Mose ntiyari ateye atyo. Ahara Egiputa ahinduka umwe mu bakasi b'urwondo. Ajya muri bene wabo b'abisirayeli. Yari umwe muri bo.

80 Mwene Data, ni yo nzira nkurikira. Nzafatanya inzira na bake b'insuzugurwa z'Uwiteka, baba icigata cyangwa icyo ari cyo cyose. Bafite isezerano kandi mbona amazina yabo mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Ni bene Data. Ni ukuri. Ihitiremo maze ujye mu ruhande rwabo. Ni byo cyangwa si byo, uko biri kose ujye hariya. Niba barayobye, bafashe baze mu kuri. Ni ukuri. Ntuzigera ubahindura beza ubakoza hirya ubakoza hino. Urabona ? Kora ibishoboka byose basohoke.

81 Charlie, ni nk'ibyo bavugaga kuri mwene Data Allen, ku birebana n'umuriro bari… amaraso mu biganza. Mvuga nti : « Sinigeze ndeka kubaha A.A.Allen. » Mvuga nti : « Iyo mba nashoboraga kubwiriza nka A.A.Allen, nta n'ubwo nagira amateraniro yo gukiza abarwayi. » Noneho, ku byo kutavuga rumwe ngo amaraso mu biganza ni ikimenyetso cy'Umwuka Wera, ntitucyemeranywaho. Ariko ku by'ubuvandimwe, ni mwene Data. Mpagararanye na we ku rugamba. Ni ukuri. Ni ayoba, nzagerageza kumufasha. Kandi ni atayoba, ah'ubwo akaba ari jye nyoba, nakwifuza ko amfasha kandi ni uko tujya imbere.

82 Noneho, mwitegereze hano.

*YARI BABULONI IKOMEYE NYINA W'ABAMARAYA.*

Noneho, murabona, ncuti zanjye, ni gute itorero none… mwaba mubona uburyo amatorero ya none asigaye yiberaho uko yiboneye ? « Ni byiza pe. Nimugende, mukomeze. » Ni amasega aryana. Ntubyiteho. « Mbese, nta kibi cyo kubikora, rero, murashaka gusa kuba mutakigezweho. » noneho, mwitegereze amahame yabo. Kandi, nifuzaga… Mwitegereze rero, ni imico yabo. Mwaba mubona ko mu myaka mike ishize, itorero gatolika ari ryo ryonyine ryari ryemerewe kureba senema ? itorero metodisite ntiryari kubitekereza. Amadini yose na yo ni uko ; yari imirimo ya satani. Nibaza icyabaye. Yego, yego.

83 Murabizi, mushobora gufata aba bakobwa b'abagatolika, bambara… tugufi. Noneho, bamwe muri mwe tunganya imyaka, muribuka ubwo hadukaga amakanzu agera mu mavi. Uriya musore wayadukanye, uko nkeka, ari i kuzimu uyu mugoroba. Simbizi. Sindi umucamanza we. Ariko ubwo yahitishaga kuri radiyo bitabanje kuyungururwa iyo ndirimbo ya mbere iteye iseseme; iyo «Yazamure, bakobwa, yazamare; erekana ayo mavi yawe meza.» Ni bangahe bibuka ubwo byasohokaga bwa mbere, hakaba hashize igihe kirekire? Ni ryo kosa rya mbere. Ni ukuri. Kandi ubwo babonaga uriya muntu wari avuye i Texas maze bagafata bariya bagore hanyuma bagakoresha imyenda yabo y'imbere mu kubagira icyo batari cyo. Kandi hamwe n'ibintu nk'ibyo, bakabareka bakabyikuramo batyo! Noneho, habaye iki? Byatangiye kwamamara. Ni umwuka.

84 Umuntu wamvugishije kiriya gihe yambwiye ati : « Sinzi icyo nzakora. Nari mfite umuhungu mwiza kandi w'umwizerwa, maze atangira kwiba icyo ashoboye gushyikira cyose.»

Mvuga nti : «Kubera iki ?»

«Ni uko agendana n'umujura.»

Ni ugendana n'umujura, nawe uzahinduka umujura nka we. Mama, waturukaga i Kentucky, yakundaga kuvuga ati : «Ni urarana n'imbwa ifite imbaragasa, uzazibyukana.» Ufashe umugore w'indaya ukamushyira hamwe n'umwana w'imico myiza, uzasanga asambana nk'imbwa kandi n'umukobwa muzima ukamushyira hamwe n'umuhungu mubi, na bo ni uko. Bazakumenyera ku ncuti zawe. Mwitandukanye. « Mubavemo », ni ko Bibiliya ivuga. « Mwitandukanye. » Ni ukuri.

85 Niba amadini yabo asubiye ku bubore bwa kariya kageni, nko kureka abantu babo… Mbese, kiriya

gihe, mu rusengero runini kandi rwiza rw'ababatisite, umuntu yashoboraga kubwiriza nk'iminota 20 gusa hanyuma agasezerera abantu kuko pasitoro yagombaga kunywa itabi. Iteraniro ryose ryarasohokaga. Bose bakajya kunywa itabi. Hanyuma pasitori n'abandi bose bagasubira mu rusengero. Ninjiye mu rusengero rw'idini runaka. Hari umugabo wari wambaye ikanzu ndende, yari ahagaze hariya, yegambiye igicaniro, avuga ubwoko bw'ururabo yari yabonye ahantu. Kikaba ari cyo kibwirizwa cy'umunsi. Hanyuma agasubira kunywa itabi. Intoke ze zari zarahindutse umuhondo kubera umwotsi w'itabi. Yego. Abagore n'abagabo bakinaga umukino w'amakarita w'abadage witwa Pinochle. Bakinaga Pinochle. Umukino wa Pinochle bawukiniraga mu cyumba cyo hasi. Yoo ! Buntu bw'Imana ! Ngurwo urufatiro rw'iryo dini. Ntibitangaje… ?... Ngo iki ? babikora barangiza bakiha gusakuriza idini gatolika ikinira tombora ku mugaragaro ! Mwebwe abaporoso mwanduye nka bo. Mwabivugaho iki ? Ikimuga nticyaseka urujyo. Ntagushidikanya. Mumara kubikora mukavuga muti: « ndi umuperesibiteriyani. Ndi umumetodisite. » nta cyo muri cyo mu gihe mutaravuka ubwa kabiri. Ni ukuri. Kandi uyo uvutse ubwa kabiri, urabimenya. Muri wowe haba hari igihari kikumenyesha ko ibyo bintu atari iby'ukuri kandi uzabivamo bidashidikanywa. Muzi ko ari ukuri. Ntagushidikanya. Yego, yego. Iyi nkuru ihwanye na byo… Kuki ?…

*.....NYINA W'ABAMARAYA.*

86 Igihe kimwe, umukecuru azavuga ati : « Murabizi ? Uko biri kose, mukundwa, twese, turi kimwe.‟ None muzi ikigiye kuba ? Ishyirahamwe mpuzamadini rizateranira hamwe nk'uko rimaze kubikora ubu. Ese mwaba muzi ibigiye kuzaba ku itsinda rito nk'iri ? Muzabyishyurira, ncuti zanjye. Ni ukuri kose.

Ntimubyiteho, Umwana w'Intama azarinesha, kuko Ari Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware, kandi Imana izayobora Itorero Ryayo aho kuyobora idini. Izasuka ayo Mavuta ya zahabu, Mwuka Wera, kuri iri torero. Mwene Data, umuriro uzagwa uturutse mu ijuru, ibimenyetso n'ibitangaza bizabaho, ibyo mutigeze kubona mbere hose. Yego, yego. "Witinya, mukumbi muto, kuko So yishimiye kuguha ubwami." Yego, yego. "Uzihangana akageza ku iherezo." Turi kumwe. Mukomeze inzira yanyu. Mukomeze kwerekeza amaso i Kaluvari. Iyi Bibiliya ni ukuri. Ntimubyiteho.

87 Noneho, mwitegereze. Bafite imico imwe. Bafite imico myiza. Twashobora gukomeza ubudatuza. Igikurikiyeho, murabizi, bizacengera mu madini ya giporoso. Rero, abagore b'abanyagatolika batangiye… Mbese, nta cyo bitwaye kwambara udukabutura tugufi iyo ujya mu rusengero unashyira igitambaro mu mutwe. Ni umugenzo: "Ntimukarye inyama ku wa gatanu." Yoo, byanditswe he ko umuntu agomba kwambara igitambaro mu mutwe mbere yo kwinjira mu rusengero? Ndashaka ko munyereka umurongo w'Ibyanditswe. Ni ubuhanuzi bw'ikinyoma. Ni hehe bivugwa ko twakagombye kwambara ingofero mu rusengero? Iyo wambaye ingofero mu mutwe, uba ukojeje Kirisito isoni. Ni ukuri. Ndavuga abantu. Mwebwe bagore, mufite igitwikirizo, ah'ubwo ngiye guhinyuza umuntu wese ngo anyereke ahanditswe ko ari ingofero cyangwa igitambaro. Ni imisatsi yanyu. None mwarayogoshe yose. Murabivugaho iki? Bavuga bati: "Yoo, ntibikigezweho." Niba ariko bimeze, ni Bibiliya. Kandi Ijambo ry'Imana ni ukuri.

88 Nta minsi ishize, ubwo navugaga umugore wogeje Yesu ibirenge, akabihanaguza umusatsi we, mvuga nti: "Uburyo bumwe ku mugore bwo kubikora, bwaba ubwo kugira umusatsi muremure ku mutwe kugira ngo abone umusatsi uhagije wo kumwoza ibirenge no kumuhanaguza." Ni ukuri. Yoo, yego, biteye isoni kubona… Muzarebe, mu gihe cy'urubura, batembera bambaye uduce tw'utwenda tutabuza isoni z'ubwambure kwanama ku gasozi.

Muzavuga muti: "Kuki utoteza abagore?" Birakwiye kubatoteza.

Mwebwe bagabo mureka abagore banyu bagakora batyo, bene Data, sinzi icyo nabatekerezaho. Rero, ni ukuri.

Namwe abapasitori, sintekereza ko mwaba hano, ariko nimumbonera umwe, muzamumbwirire azaze tubonane. Murabona? Niba atubaha Kirisito, akareka itorero rye ryikorera ibyo ryishakiye, bihabanye n'Ijambo ry'Imana, ntakwiye kuba umugaragu wa Yesu Kirisito. Ni ukuri. Ntakwiye kuba umugaragu wa Kirisito. Umugaragu wa Kirisito agomba kuba yarabaye umwe n'Ijambo ry'Imana. Ntagushidikanya. Ariko bibereye aho, bikorera ibyo bishakiye ari nta nkomanga.

89 Hanyuma, igikurikiyeho, murabizi, abaporoso ni bo bakurikiyeho. Mwebwe, abametodisite beza, namwe ababatisite, namwe, abaperesibiteriyani n'abanazareti, abagenzi bo kwera namwe mwese, muri bamwe; umwe, gatandatu, undi kimwe cya kabiri cya cumi na kabiri. Turi kumwe: nyina w'abamaraya. Idini ryanyu… Muvuga muti: "Kuba bivuye ku cyicaro gikuru, bihinduye iki?" Murabona, hari ikinyuranyo kinini. Ntibyigeze bitangirira kuri kiriya Cyicaro Gikuru. Byashoboka ko bitangirira ku cyicaro gikuru cyanyu, ino mu isi, ariko si Icyo Hejuru. Biterwa n'aho muturuka. Ni ukuri.

90 Sintekereza ko ubu dufite igihe cyo kwita kuri iyo ngingo yindi. Nashobora kuba ngize neza mbigize iby'ejo mu gitondo. Ni byiza cyane. Dufate iyingiyi yo ngufi. Dufite hano "umubatizo w'amazi." Tunafite "ugutoranywa", yoo, ingingo nyinshi. Dufate rero iyi ngufi, ku bagore b'abavugabutumwa, maze turebe iyi.

Noneho, madamu muvugabutumwa, sinshaka gukomeretsa amarangamutima yawe, ariko ndashaka kugira icyo nkubwira. Ntufite umurongo n'umwe w'Ibyanditswe, habe n'umwe wo muri Bibiliya. Yego, nzi aho biganisha kandi mfite… byanyu byose. Yego, "Kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura." Noneho, niba pasitori wanyu atazi icyo ijambo "guhanura" risobanura, nta cyo azi. Nta cyo amara i nyuma y'igicaniro, ashaka uko yakubwira ngo ube umutambyi. Murabona? Kuko biciriweho iteka uhereye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe. Noneho, mureke mbibereke, murabona.

91 Nagiraga ngo dufatanye 1Timoteyo 2:11. Dusome, turamenya ibikubiyemo. Turanabibona mu Byakozwe 2. Yego. Mwumve neza icyo Ibyanditswe bibivugaho.

Mbese, hari uwavuga ubudatuza ati: "Mwene Data Branham, uri umusaza wanga abagore." Sinanga abagore. Icyo ntakunda cyonyine ni ukubona abagore bagerageza kujya mu mwanya utari uwabo. Muribuka ishantiye yo kubaka amato Howard, hano, imwe mu mashantiye yo kubaka amato yateye i mbere ku mugezi wa Ohio. Umugore ni we bagize umuyobozi mukuru w'iyo shantiye. Nimurebe ibyabaye. Bahaye umugore uburenganzira bwo gutora. Nimurebe ibyabaye.

92 Mureke mbibabwire none aha. Ntabwo ari ukugira ngo negure abagore. Ndagira ngo abagabo basobanukirwe, na bo birabareba. Ariko bene Data, mureke ngire icyo mbabwira. Iki gihugu ni ishyanga ry'umugore. Ngiye kubihamirisha Ibyanditswe n'ibindi mushaka byose. Dore: turabona iki ku idolari? Umugore. Tumusanga he? Mu Byahishuwe, ni ho mumubona. Yambaye nomero13, ibyo igihugu cyacu cyatangiye byose: inyenyeri13, imirongo13, intara13. Byose byari13 mu ntangiriro. Agaragara mu Byahishuwe igice cya 13. Umugore, 13.

93 Muri 1933, ubwo twajyaga duteranira ahari itorero bitiriye Kirisito, ahahoze ari ubuturo bw'abafuramaso (francs-maçons). Nagize iyerekwa rivuye ku Mwami ryavugaga riti: Ubudage buzahaguruka bucukure umuringoti witwa Maginot. Abenshi muri mwe barabyibuka. Havugwaga ko uwo mungoti uzababera indake maze abanyamerika bagakubitirwa ahareba i Nzega. Havugwaga kandi ibyajyaga kuba n'ibyajyaga kuri Roosevelt n'ibindi. Ko azongera gutorwa kuri manda ya gatatu kandi akazongera kwiyamamariza n'iya kane. Byose byari mu buryo, kandi byose byagenze bityo. Hanavuzwe ko imodoka zajyaga kugenda zirushaho gufata ishusho y'igi. Kugeza ku munsi wanyuma zizaba zimaze gufata ishusho y'igi byuzuye. Kandi navuze ko izo modoka bizageraho zigenda mu muhanda zidafite deregisiyo. Zizaba zitwarwa n'ikindi. Ni zo modoka ziriho zikorwa ubu, zizaba zifite telekomande y'umutekano. Ni ukuri. Ntushobora kwinjyira mu murwa… Rero, mu gace ku mujyi hategetswe kutarenza 30 km/h, uzagendera kuri 30km/h. Ntushobora kugongana n'indi modoka kuko byose bikoreshwa na telekomande. Murabona? Ni byo biriho ubu. Nongeye kuvuga nti: "Mwibuke, kiriya gihe, mbereye y'imperuka, umugore… Rero, mubibike byanditse. Umugore ukomeye azaduka, azaba perezida cyangwa umugore ukomeye cyane hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Kandi ko iki gihugu kizagwa mu icuraburindi kubera abagore. Noneho, mubizirikane, NI KO UWITEKA AVUZE." Murabona?

94 Ishyanga rya Amerika riri mu buyobe. Ibyo bituganisha he? Munyemerere mbibabwire. Mube abanyamwuka. Mubyakire. Mwitegereze. Kuki bimeze bityo? Kugirango idini gatorika ryinjire, murabona? Muramya abo bagore bakina amafilime n'ibyo bintu binyuranye byose. Mwaba mwibuka ikibwiriza nabwirije? Margie, urabyibuka, hashize imyaka myinshi nkibwirije ku guterwa kwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, n'ihirikwa rya Leta y'Amerika. Kandi navuze ko hadutse i Paris, nyuma y'aho tubakirije abagore, inzoga n'ibinezeza by'amoko yose. Hanyuma ibyo uko byakabaye tubisanga muri Hollywood. None, aho kujya gushakira ibigezweho i Paris, ni bo basigaye baza kubishakira ino i wacu. Umusaruro ni uwuhe? Ntimwemereraga abana banyu kujya kureba amafilimi, none basigaye bayarebera muri televiziyo i muhira. Ni ibiki? Bikingura irembo. Umugore umwe w'indaya yarimbura abantu barenze abarimburwa n'utubari twose mwashobora gushyira mu murwa. Ni ukuri? Ni mumurebe amanuka umuhanda, imyenda ye yose yayikuyemo, uwo waba uri we wese, niba uri umugabo muzima, utarwaye, nureba umugore, ugomba kumva umubiri uhindutse wanze ukunze. Rero, mube abanyakuri.

95 Hashize igihe mfite Umwuka Wera. Ntushobora kureba umugore wambaye ubusa ngo… Mfite umusaraba mu modoka yanjye. Abenshi muri mwe, mwarawubonye. Hari uwambajije ati: "Uri umunyagatolika?" Kuva ryari abanyagatolika bahisemo umusaraba? Umusaraba usobanura: Uwa Kirisito.

Twa dutagatifukazi Sisiliya n'utundi, ngibyo ibiranga idini gatolika. Ntabwo twizerera muri bene ibyo. Twizera Kirisito. Baramya abantu b'ingeri zose bapfuye. Ni uburyo bw'ikirenga bwo guterekera abazimu. Nta kindi biri cyo usibye kuramya abapfuye. Nta rindi dini waringanya na ryo.

96 Nabajije umupadiri nti: "Koko Petero ni we Papa wa mbere?"

Ansubiza ati: "Ni koko."

Mvuga nti: "None, kuki Petero avuga ati: Nta wundi muhuza uri hagati y'Imana n'abantu utari Yesu Kirisito, umuntu?" Ariko mwebwe, mufite abagore 5 000 bapfuye mufata nk'abahuza. Babisaruyemo iki? Ese turi kumwe? Ntagisubizo cyabyo babonye. Ni ukuri.

97 Noneho, amwe mu mahame yabo, amahame yabo y'ibinyoma - itsinda ry'abahanuzi b'ibinyoma b'abaporoso ryaraje maze rirabyigisha; hanyuma mwebwe abaporoso, murabiyongobeza. Ni ukuri kose. Amadini, imibatizo y'uburyo bwinshi, amategeko anyuranye n'ibindi mukora ntaho wabisanga mu Byanditswe Byera. Ntaho byanditse, nyamara usanga mubipfukamye imbere mubiramya. Ni ukuri.

98 Noneho, mwumve ibi byanditswe ku bagore bigize abatambyi. Ni byiza cyane. 1 Timoteyo 2:11. Nimwumve ibyanditswe hano:

> *Umugore yigane ituze aganduke rwose, kuko nanga ko umugore yigisha cyangwa ngo ategeke umugabo; ah'ubwo aceceke.*

Ntabwo ari jye wabigize Ijambo ry'Imana. Inshingano yanjye ni ukubamenyesha ko ari Ijambo ry'Imana. Murabona? Murabona?

> *Umugore yumve amabwiriza acecetse, kandi agandutse rwose.*

Niba warigeze kwinjira mu rusengero rw'aborutodogisi. Mubyitegereze. Murabona? Murabona?

> *Sinemereye umugore kwigisha cyangwa ngo ategeke umugabo*

(nka pasitori, umudiyakoni cyangwa undi wese wo muri urwo rwego);

> *ah'ubwo aceceke.*

> *kuko Adamu ariwe wabanje kuremwa nyuma hagakurikiraho Eva.*

99 Mwari mubizi? Noneho, bagore, mutege amatwi. Mwebwe bagore b'abakirisito kandi mwiyubashye, muri impano ishoboka Imana yahaye umugabo, iyo bitajya kuba ibyo, Iba yaramuhaye ikindi. Yego, yego. Murabona? Umugore ntiyari ari mu irema rya mbere. Umugore si ikiremwa cy'umwimerere. Akomoka mu mugabo. Imana yaremye umuntu, Imurema ari umugabo n'umugore icyarimwe. Nyuma arabatandukanya. Nyuma y'aho umuntu aturiye ku isi igihe kirekire, akita inyamaswa amazina, Imana imukuramo akabavu Ikabumbamo umugore."Adamu ni we wabanje kuremwa, Eva akurikiraho." Noneho, mwitegereze:

> *Kandi si Adamu wayobejwe. Ni umugore wayobejwe, ahinduka umucumuzi.*

100 Imana yafashe umugabo; satani na we afata umugore. Mubyitegereze neza. Ibintu bimeze bite ubu? Mwitegereze Itorero nyakuri ry'Imana; Rizavuga riti: "Yesu" Antikirisito nawe avuge ati: "Mariya." Mugenzure iyo myuka. Murabona? Ngiyo. "Ndakuramutsa Mariya, nyina w'imana, wahawe umugisha mu bandi bagore kandi udusabire, twebwe abanyabyaha none n'igihe tuzapfira. Amen. Mariya, dusabire!" Yoo, buntu bw'Imana! Murabona? Nguwo, umugore, igikoresho cya satani. Kirisito, Imana iramywa kandi yonyine. Murabona? Murabona?

101 "Adamu ni we wabanje kuremwa, Eva akurikiriraho." Kandi ntabwo ari Adamu washutswe. None ni gute mwagira umugore w'umupasitoro cyangwa w'umudiyakoni? Adamu ntiyashutswe, ah'ubwo umugore ni we washutswe. Mu by'ukuri ntiyarazi ko ari mu buyobe, ariko yari aburimo. "Ni umugore washutswe, ahinduka umunyabyaha." Uko imodoka zitwaye umupfu zihise mu muhanda, umugore aba ari nyirabayazana. Uko uruhinja rurize, umugore aba ari nyirabayaza. Uko umuntu apfuye, umugore aba ari nyirabayaza. Uko agasatsi kose gahindutse uruvi, umugore aba ari nyirabayaza. Igifitanye isano n'urupfu cyose, umugore aba ari nyirabayaza. Ikitari ukuri cyose, umugore aba ari nyirabayaza. Hanyuma ukamugira umutwe w'itorero? Nka pasitori, yoo, nimwe na rimwe umugenzuzi w'abapositori. Akorwe n'isoni.

102 Noneho, munyemerere mbagezeho ikindi Cyanditswe, akanya gato. Murabona? Dusome muri 1 Abakorinto 14: 32 kugira ngo twumve icyo Pawulo ahavuga; hanyuma turasoma n'ahandi henshi mu kanya gato. Kandi ntidushaka kubatindana umwanya munini, twirinda kubananiza, ku buryo mutabasha kugaruka. Ni byiza cyane. Ngiye gusoma. Ni bangahe bizera ko Pawulo yari umwigisha uhumekewe? Kandi, mwibuke, Pawulo yanabyandikiye Timoteyo. Murabona? Dusome 1 Abakorinto 14: 32 - 34.

> *Abagore nibacecekere mu materaniro.*

Mwaba mwumvise ibyo yavuze?

> *Abagore nibacecekere mu materaniro, kuko batemererwa kuhavugira; ah'ubwo baganduke.*

Mwaba mufite ibisobanuro byo muri Bibiliya? Murebe mu Itangiriro 3: 16. Ubwo Imana yabwiraga Eva ko, kuko yari yateze inzoka amatwi aho kuyatega umugabo we, uyu azamubera umutware ubuzima bwe bwose. Bishoboka bite ko umugore yategeka umugabo, amubera pasitori cyangwa umudiyakoni, mu gihe Bibiliya ivuga ko agomba guca bugufi nk'uko byahoze mu ntangiriro? Imana ntishobora guhinduka. Ntushobora kuvugisha Ijambo ikintu kimwe hano, ngo nugera ahandi urivugishe ikindi. Ntibishoboka. Ni ko bizahora.

103 Rero, mbere y'uko dusoza ibi, ndashaka, niba bishoboka, kubakemurira icyo kibazo cyo gushaka no gutandukana kw'abashakanye. Sinari nabikora muri uru rusengero. Mwitegereze hagati aho iryo sezerano rikubiyemo abiri. Rimwe rivuga ko ashobora kurongora, irindi rikavuga ko adashobora kurongora, hanyuma irindi rikavuga ibi, ibyo cyangwa ibindi. Mutegereze akanya, murabona icyo Bibiliya ivuga, nituhagera. Murabona? Ni byiza cyane. Noneho, mukurikire ibi:

104 *Abagore nibacecekere mu materaniro, kuko batemererwa kuhavugira, ah'ubwo baganduke, nk'uko amategeko na yo avuga.*

Rero, mu Isezerano Rya Kera, ntibemererwaga kuvuga; mbese, Pawulo avuga hano ko batabyemererwaga. Byaba ari ukuri? "Abagore nibaceceke." "Nibaganduke." Noneho, nimushaka kureba ibisobanuro byanyu, birabajyana mu Itangiriro 3:16. Murabona? Ni byiza cyane. Nk'uko amategeko na yo avuga.

*Kandi nihagira icyo bashaka kumenya bakibarize abagabo babo i muhira, kuko biteye isoni ko umugore avugira mu iteraniro.*

(Iki?)....

105 Noneho, murebe ako kabazo kari muri buri Bibiliya zanyu: "Iki?" Ni iki cyateye Pawulo kubivuga no kubigenza atyo? Mbese, muramutse mubonye inzandiko Abakorinto bandikiye Pawulo, mushobora kuzisanga muri buri nkoranyabitabo - murabona, izo Abakorinto bandikiye Pawulo. Bamwandikiye bati: nyuma y'uko abo bagore bihana… Bari bafite ikigirwamanakazi cyitwa Diane. Kandi na cyo cyari muri Efeso. Abakorinto na bo barakiramyaga, nk'uko byari ukuramya kwa gipagani. Igihe kimwe, basanze ibuye ku gasozi, ryasaga n'umugore. Bavuga bati: "Imana ni umugore kandi Yatunagiye ishusho Yayo." Urusengero rwabo rwari ruhenze kurusha urwa Salomo, nk'uko tubibwirwa n'abanyamateka. Yoo, rwari rwubatswe muri marubure (marbre) isize zahabu, mu gihe urusengero rwa Salomo rwari mu myerezi isize zahabu. Murabona? Urw'icyo kigirwamanakazi ni rwo rwari ruhenze. Rero, niba Imana ari umugore, birumvikana ko yashoboraga kugira abatambyikazi. Nta kabuza niba Imana ari umugore, icyo gihe byaba biri mu kuri ko umugore aba umuvugabutumwa. Ariko Imana ni Umugabo. Bibiliya ivuga ko Yari Umugabo kandi ni Umugabo. Murabona? Kandi niba Imana ari Umugabo, byagombye kuba abagabo (abatambyi).

106 Noneho, murebe ibi: "Iki?".

Kandi, bamwe muri abo batambyikazi, ubwo bavaga mu bupagani bajya mu bukirisito, batekereje ko bashoboraga gukomeza umurimo w'ubutambyi, bageze mu rundi ruhande. Niba barabwirije kuri Diane, bashoboraga kuza hano maze bakabwiriza Kirisito.

Pawulo avuga ati: Iki? Ese Ijambo ry'Imana ni kuri mwe ryaturutse? Nimwumve ibi, bene Data, bishoboka bite ko abatambyi babikora? Umurongo wa 36:

*Ese ni kuri mwe Ijambo ry'Imana ryaturutse? Cyangwa se ryageze kuri mwe mwenyine?*

*Nihagira uvuga ko ari umuhanuzi cyangwa afite Umwuka,… (Ntibinagombera ko aba umuhanuzi, ah'ubwo asabwa kuba afite Umwuka byonyine.) Amenye ibyo mbandikiye yuko ari itegeko ry'Umwami wacu.*

(Murabyizera?)

*Ariko umuntu natabyemera na we ye kwemerwa.*

Mbese, birasobanutse kandi biraboneye. Murabona? Avuga ati: "nihagira uvuga ko ari umuhanuzi cyangwa afite Umwuka, amenye ibyo mbandikiye yuko ari itegeko ry'Umwami." Ariko yongeraho ati: nihagira utabyemera, na we ye kwemerwa. Murabona, nta cyo mwarenzaho. Nibashaka gukomeza batyo, bareke bakomeze, kuko yamubonye atangira.

107 Kandi hari umugore wambwiye ati: "Yoo! Pawulo yari umusaza wanga abagore gusa."

Ntiyangaga abagore; murabizi, Pawulo yari intumwa ku itorero ry'abanyamahanga. Murebe hano. Mwari muzi ko Pawulo… Ni bangahe bazi ko Pawulo ari byo yabwirije? Ni byo yavuze?

Muvuga muti: "Mbese, tegereza umunota umwe, Mwene Data Branham. Umunota umwe gusa. Umuyobozi wacu avuga ko biri muri gahunda. Umuyobozi mukuru w'amatorero avuga ko biri muri gahunda. Umugenzuzi w'umunyabumwe (eveque unitaire) avuga ko biri muri gahunda."

Sinitaye ku byo bavuga; ni ibinyoma. Nari nabateguje ko nari ngiye gucengeza ibi n'imbaraga. Kandi ni abahanuzi b'ibinyoma bavuga ibintu nk'ibyo. Mbese, Bibiliya ivuga iti : « Nihagira uvuga ko ari umuhanuzi cyangwa ko afite Umwuka, amenye ko ibyo mbabwite ari itegeko ry'Umwami. » Kandi umwuka we n'udahamiriza iri Jambo, ni umuhanuzi w'ibinyoma uhereye mu ntangiriro. Nahitamo kuba uwanga abagore aho kuba umukunzi wa bo, byo kwemerera no kwihanganira mu Itorero ry'Imana ibintu nk'ibyo,

bihabanye n'amahame y'Imana. Kandi Pawulo avuga ati :… Dufate Abagalatiya1:8. Pawulo avuga ati : « Malayika uvuye mu ijuru nababwiriza ubutumwa butari ubwo nababwirije, avumwe ! » none, muzabyifatamo mute ?

108 Noneho, muvuga muti : « Bihagaze bite iby'ahavugwa, muri Yoweli, ko abahungu n'abakobwa banyu bajyaga guhanura kandi akaba ari byo Petero yavuze umunsi wa Pantekote ? » Ni ukuri kose.

Ariko, mwari muzi ko, mu Isezerano Rya Kera, uburyo rukumbi ku muntu bwo kwinjira mu Isezerano - akaba ari na ko bikimeze na n'ubu - … Aburahamu ni we wahawe isezerano kandi ikimenyetso cy'isezerano, cyari ugukebwa. Ni bangahe babizi ? Kwari uguhamirizwa n'Imana.

109 Ni nka mwene Data w'umubatisite wambwiye ati : « Mwene Data Branham, twebwe ababatisite, twakiriye Mwuka Wera. » Namubajije nti: "Mwamwakiriye ryari?" Asubiza ati: "Ubwo twizeraga."

Mvuga nti: "Pawulo yabajije ati: Mwahawe Mwuka Wera uhereye igihe mwizereye?" Murabona? Mvuga nti: "Mbese, mwebwe ababatisite, muze mumwakire kandi tuzavugana ibirebana n'umutekano w'iteka. Ariko, ibintu nk'ibi mwabibona he?" murabona?

Ababaza ati: "Mwahawe Mwuka Wera uhereye igihe mwizereye?" Bari abizera, basakurishwaga n'umunezero n'ibindi. Bari batarabona Mwuka Wera. Pawulo avuga ko batari bamufite. Murabona? Mwahawe Mwuka Wera uhereye igihe mwizereye? Basubiza bati: Nta n'ubwo twigeze twumva ko Mwuka Wera yaje. Avuga ati: "Mwabatijwe mubatizo ki?"

Basubiza bati: "Twarabatijwe", ariko mu kinyoma. Murabona? Bityo, biba ngombwa ko bongera kubatizwa. Ni byiza cyane.

110 Noneho, murebe rero ibi: ubwo bariya bagore b'abatambyi bazaga, bashatse gukoresha ubutware bwabo, ariko Imana yabakuriye inzira ku murima. Kandi munyemerere… mu gihe turi muri iki kibwiriza, abo bagore, murabona. Havuga ngo: "Nihagira umuntu wibwira ko ari umuhanuzi cyangwa ko afite Umwuka, amenye ibyo mbandikiye yuko ari itegeko ry'Umwami wacu. Ariko umuntu natabyemera na we ye kwemerwa." Ni yo mpamvu iri torero ridashyigikira ntirinimike abagore nk'abatambyi, nk'abadiyakoni kandi ntirinagire inshingano runaka riha umugore mu iri torero; ni uko iki Cyanditswe gihari kandi kikaba gisobanutse.

111 Kandi, Bibiliya ivuga iti: "Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura." Mbese, ijambo "guhanura" risobanura iki? Murishakire ubusobanuro. Bisobanuye "kuvuga ikintu uhumekewe cyangwa kuvuga hakiri kare ikintu kitari cyaba." Ni ijambo rigizwe n'andi.

Ni nk'uko "uwejejwe (sanctifie)" rishaka kuvuga "uwuhagiwe akarobanurirwa ubutambyi." Murabona? Yego, ni ijambo rigizwe n'andi risobanura ibintu birenze kimwe. Tubifitiye ingero nyinshi mu cyongereza.

Urugero, twashobora gufata ijambo "board". Mbese, "board" risobanura iki? Muvuga muti: "Mbese, bishaka kuvuga ko yishyuye inyemezabuguzi ye [mu cyongereza "board" - Umwanditsi]" Oya, si ibyo na busa. "Mbese, ashaka kuvuga ko yamurambiye [mu cyongereza "bored" - Umwanditsi]" Murabona? Ni ijambo rimwe, ugomba kumenya icyo bavuga. Murabona?

Ni kimwe n'iri jambo rigizwe n'andi: abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura. Mbese, uburyo rukumbi ku Mana…

112 Uriya mubatisite yavuze ati: "Mbese, twahawe Mwuka Wera ubwo twizeraga." Mvuga… Mbese, murabona, avuga ati: "Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka." Ni bangahe bazi ko ari ukuri? Noneho, murebe uburyo byorohera Satani akoresha butuma mwene Data abyizera. Murabona? Mu by'ukuri biroroshye. Kandi, biranditse.

Mwene Data, ndakwizeza, wakagombye gusigwa mbere yo kuza ku rutambiro, wakagombye kujya ahantu hiherereye, ugasenga. Abantu bavuga bati: "Kuki udasohoka ngo ubonane n'abantu?" mwene Data, niba witeguye kujya kuvugana n'abantu cyangwa kubigisha, icy'ingenzi ni ukubanza kwiherera n'Imana akanya mbere yo kuza ku rutambiro. Ni koko. Murabona? Kuko satani ari inyaryenge, incakura.

113 Uriya muntu yavuze ati: "Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka." Ni byo. Yongeraho ati: "Nka kindi ki Aburahamu yajyaga gukora usibye kwizera?" Mvuga nti: "Nta kindi."

Avuga ati: "Nka kindi ki wakora usibye kwizera?"

Musubiza nti: "Nta kindi. Ariko reba, mwene Data, nyuma y'ibyo, Imana yemera kwizera kw'Aburahamu. Imuha ikimenyetso, ugukebwa nk'ikimenyetso cy'isezerano." Murabona? Imana ivuga iti: "Noneho, Aburahamu, Ngiye kwemera ukwizera kwawe, ni yo mpamvu Ngiye kuguha ikimenyetso gihamya ko Nakwemeye."

Ni uko, Ikeba Aburahamu maze biba ikimenyetso cy'isezerano. Kandi umugore ntiyashoboraga kuba

muri iryo sezerano keretse arongowe. Mwitegereze na mwe. Ntibashoboraga gukeba umugore. Kuko umugore n'umugabo ari umwe. Ntibakiri babiri, babaye umwe. Ni bangahe babizi? Ibyanditswe birabivuga. Bityo, iyo arongowe, aba umwe n'umugabo. Murebe muri Timoteyo murasanga bavuga kimwe. "Nyamara umugore azakizwa mu ibyara nakomeza kwizera no kwera".

114 Mbese, icyo gihe, ikebwa ryo mu Isezerano Rya Kera, byakorerwaga umubiri; ariko ubu mu Iserano Rishya, Yoweri avuga ati: "Nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura." Kandi, ijambo "guhanura" ntirivuze "kwigisha". Ijambo "guhanura" risobanura kuvuga imyitozo yawe binyuze mu guhumekerwa, cyangwa kuvuga ibintu bigiye kuzaba. Kandi tuzi ko habayeho abahanuzikazi mu Isezerano Rya Kera. Ntibigeze bavugira mu ruhame, mu matorero, cyangwa ngo bigishirize mu rusengero. Ariko umugore, Ana na benshi mu babaga mu rusengero, bari abahanuzikazi. Bari bo. Mariya yari umuhanuzikazi. Yari afite Umwuka kuri we. Ni ukuri. Ariko yarafite aho agarukira. Abagore bashobora kuba abahanuzikazi ubu, nta kabuza, ariko ntibashobora kuba abigisha cyangwa ikindi hano ku rutambiro. Nushyira umugore ku rutambiro, uzaba ukoze ibihabanye na Bibiliya. Bibiliya ntishobora kwivuguruza. Igomba guhora ivuga ikintu kimwe, bitaba ibyo, ntibibe ari Ijambo ry'Imana. Murabona? Rero, iyo bivugwa ko "Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura", ibyo bivuga ko bazavuga ibizaba cyangwa bazatanga ubuhamya. Mwumve neza ubusobanuro bwa byo, mufate inkoranyamagambo ya Bibiliya, maze murebe niba atari ukuri. "Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura."

115 Mbese, Bibiliya inavuga umugore wibwiraga ko ari… Ibyo bivuga idini Gatolika no kubyo tugiye kuvugaho none aha. Dusome Ibyahishuwe 2:20 mu gihe tuvuga kuri icyo kibwiriza kugira ngo mubashe kubona uburyo ibi bintu bishobora kuba ari ibya satani, mu gihe tuvuga ku byajyaga kuba muri ibi bihe byanyuma, icyo uwo mugore yajyaga kuba cyo. Mwibuke ko idini Gatolika ari umugore. Tumaze kubisoma, si byo se? Noneho, mwumve ibi, ibivugwa. Ni Ibyahishuwe 2:20. Imana ibwira iryo Torero rya Tuwatira, murabona.

> *Nyamara mfite icyo nkugaya, kuko ukundira urya mugore Yezebeli wiyita umuhanuzikazi akigisha imbata zanjye akaziyobya kugira ngo zisambane kandi zirye intonorano.*

Murabona?

116 Noneho, mwitegereje neza… Mwitegereze ibihe birindwi by'Itorero, hanyuma dusoze. Hanyuma, ejo mu gitondo tuziga no kuri ibyo bindi bisigaye. Mwitegereze. Imbere mu ihema ry'Abayuda, harimo imitsima yo kumurika n'ibindi, harimo n'ibitereko birindwi by'amatabaza bya zahabu. Murabizi mwese. Murabona? Hari ibihe birindwi by'Itorero. Ibyo bivuga ibihe birindwi by'Itorero, ni cyo kimwe. Kandi, iyo urebye Ibyahishuwe 1, tubona Yesu ahagaze mu bihe birindwi by'Itorero, ibitereko birindwi by'amatabaza bya zahabu. Ubwo Yohana yahindukiraga, yabonye uwasaga n'Umwana w'umuntu wambaye… Byari bimeze bite? Ni Umugeni, ari we matabaza arindwi, ugose Umukwe.

Rero, mu Isezerano Rya Kera, bafataga iryo tabaza bakaryatsa, hanyuma bagafata itabaza rya kabiri bakarikongeza ku rya mbere; bagafata irya gatatu, bakarikongeza ku rya kabiri, bityo bityo kugeza irya karindwi rikongejwe.

117 Niba mubibona, mu ntangiriro, ubwo Imana yatangiraga gukorana n'Abayuda, bagize ibihe byiza cyane. Hanyuma, ibihe by'icuraburindi mu mibanire y'Imana n'Abayuda, ni igihe cy'ingoma y'Ahabu. Iyo murebye neza, musoma ibihe by'Itorero, Abigarukaho. Avuga ko hari ibintu bike… Mbese, mu gihe cy'icuraburindi rwagati, imyaka 1500, cyangwa mu gihe cy'Ahabu… Igihe cy'icuraburindi bagize ni ubwo Ahabu yarongoraga Yezebeli wazanye ibigirwamana muri Isirayeli, agatera igihugu cyose kuramya Imana ye. Muribuka ko bashenye urutambiro rw'Uwiteka mu gihugu cyose. Ni bwo Eliya yarangururaga avuga ko yari asigaye wenyine ; ariko Imana yari icyishigarije 7.000 bitarapfukamira Bayali. Murabyibuka? Ni ishusho ry'iri Torero ryatoranijwe risohotse. Murabibona ? Murabona aho bigeze ?

118 Kandi, muri iri torero, niba mubibona neza, muri iri torero rya mbere, Itorero ryambere, Itorero rya Efeso ryari Itorero rikomeye. Avuga ati : «Uracyafite ubuzima.» Kandi niba mureba neza, buri torero, muzabona ko Umucyo ugenda urushaho gukendera kugeza ubwo tugera kuri Tuwatira, hanyuma ya myaka 1.500. Hanyuma, bajya hakurya… «Ufite umucyo muke gusa. Ukomeze icyo ufite kugira ngo igitereko cy'itabaza cyawe kidakurwa aha cyo.» Hanyuma, birakomeza bigeza ku gihe cy'Itorero cya Filadelifiya, ku iherezo tugera ku gihe cy'Itorero cya Lawodikiya.

119 Noneho, dore icyiza. Yoo ! la la ! Mu by'ukuri nkunda ibi, Mwene Data Smith. Murabona ? Murebe ibi. Kandi, muri iki gihe cy'Itorero, nk'uko tumaze kubibona… Igihe cya mbere cy'Itorero cyari icya Efeso, igihe cy'Itorero cya Efeso. Kandi, muri buri gihe cy'Itorero, kugeza ubwo bagera ku myaka 1.500, niba mubibona neza… Muze kubisoma rero igihe muri butahire uyu mugoroba, niba muri bubibonere umwanya cyangwa kare mu gitondo mbere yo kuza kurusengero, Ibyahishuwe 1, 2 na 3. Muzabona ko buri gihe cy'Itorero, Yavuze ati: «Ufite intege nke ariko ntiwihakanye Izina Ryanjye», kugeza aho imyaka 1.500 ya Tuwatira irangiriye, igihe cy'icuraburindi ; hanyuma ajya mu gihe gikurikiyeho Avuga ati :

> *«Wibwira ko uri muzima kandi uri intumbi.»*

120 Kandi ibi, nta gisekuru na kimwe cy'Itorero… uriya cyangwa igisekuru cy'itorero rya Filadelifiya ntiryigeze rifata iryo Zina. Ntibigeze bagira iryo Zina, kuko ryaburiye muri icyo gihe. Ni kangahe twakwifashisha, none aha, izo nyigisho zipfuye, tukabereka ko idini Gatolika ari yo nyina wibyo byose, ko ari we "Nyina w'amayobera, Babuloni". Murebe, ni iki gisekuru cy'iri Torero; ubwo yasohokaga, yari afite urumuri ruke, hanyuma rigenda rikendera. Hanyuma yinjira mu idini, mu gihe cy'imyaka 1.500. Ubu ntagaragara nk'itorero rya Yesu Kirisito, ahubwo agaragara nk'umukatorika. Luteri yaje kuba iki? Idini y'abaluteri. Ababatisiti baje kuba iki? Idini ry'ababatisiti. Ntabwo ari Izina Rye. Si Izina Rye. Ni irindi zina.mufite izina… kuko nta rindi zina ntarindi zina ryo munsi y'ijuru duhererwamo agakiza, Atari Izina rya Yesu Kirisito. "Wibwira ko uri umuntu muzima, ariko warapfuye." Ngibyo ibyiryo dini.

121 "Yoo! Ndi umuperesipitariyani", uri intumbi. "Yoo! Ndi umubatisite" uri intumbi. Nta handi mwagirira ubuzima atari muri Yesu Kirisito. Ni ukuri. Imibatizo yanyu ipfuye, imibatizo yanyu yo kumena utuzi ku gahanga, basuka aho kwibiza, bagakoresha Data, Mwana na Mwuka Wera mu cyimbo cy'Izina Rya Yesu Kirisito, ibyo bintu byose bipfuye birakomeza kugeza ku iherezo, bikomeza bityo mu gihe Bibiliya isobanutse. Natwe, nka bo, turabyihanganira. "idini ryanjye ribyizera rityo", nyamara Bibiliya yo ihamya ibi. Murabona? Nta bintu nk'ibyo Bihari. Nta bibaho.

122 Ntaho wabona muri Bibiliya abantu bigeze basohorora ururimi ngo bakire ukarisitiya ntagatifu, cyangwa ngo padiri anywe divayi abyita Mwuka Wera. Nta na hamwe muri Bibiliya bigeze bahana ikiganza cy'ubumwe maze ngo byitwe Mwuka Wera. Nta na rimwe umuntu yigeze ahaguruka avuga ati: "Noneho, ndi umwizera", ngo ahabwe Umwuka Wera. Bibaye ari uko bimeze, dore uko Ibyakozwe 2 yasomwa bitya: "Umunsi wa Pantekote, padiri amanuka umuhanda wose, yambaye umwenda wa gipadiri, avuga ati: 'mwese musohorore indimi zanyu, mwakire ukarisitiya ntagatifu, ihazwa rya mbere.'" Ntibwaba ari bwo buryo bwo gusoma Ibyakozwe 2?

123 Rero, mwebwe abaporoso, namwe muri babi. Namwe bametodisite, mujya hariya mukavuga muti: "nimubashyire iburyo. Mubahe ikiganza cy'ubumwe maze mubagerageze amezi atandatu." Ibyo mubisoma he mu Byakozwe 2 ? Murabona? Ibyo biba he? Murabona?

Handitswe ngo: "Bari bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima." Ntihigeze haza musenyeri ukora ibintu nk'ibyo cyangwa padiri ukora ibindi. "Ni uko umuriri ubatungura uvuye mu Ijuru umeze nk'umuyaga uhuha cyane, ukwira inzu bari bicayemo." Nguko uko bamwakiriye. Yego, yego, nk'umuyaga uhuha cyane uturutse mu Bwiza. Bitari ukuzamuka umuhanda cyangwa guturuka mu idini. "Wibwira ko uri muzima kandi uri intumbi."

124 Murabona? Amahame yanyu n'amadini yanyu byaheje Imana, kugeza ubwo ubu muvuga muti: "Twizera ibi kandi twizera ko iminsi y'ibitangaza yarangiye". Ni umhanuzi w'ibinyoma uvuga ibyo. Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ko mushobora guhana ibiganza maze ngo mugahabwa Mwuka Wera. Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ko muhabwa Mwuka Wera iyo mwizeye. Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ko bagomba kubatonyangiriza utuzi ku gahanga mu cyimbo cyo kwibizwa mu mazi menshi. Ni umuhanuzi w'ibinyoma ubabwira ati: "Nimubatizwe mu izina rya Data, Mwana na Mwuka Wera", mu gihe muri Bibiliya ari nta Cyanditswe kibivuga. Ni ukuri. Nta nahamwe muri Bibiliya abantu bigeze babatizwa ukundi bitari mu Izina rya Yesu Kirisito uretse abigishwa ba Yohana, bagombye kongera kubatizwa noneho mu Izina ry'Umwami Yesu Kirisito kugira ngo bahabwe Mwuka Wera. Ni ukuri. Ntabwo ari amahame ya ba "Yesu wenyine." Nzi amahame ya ba "Yesu wenyine." Si ibyo. Ibi, neza na neza ni amahame ya Bibiliya. Ni ukuri.

Ariko murabyumva. Murabimaza iki ? Nguwo nyoko. Ni nyina w'ayo mahame.

125 Noneho, murebe muri Bibiliya maze munyereke ahari nibura umuntu wigeze gutonyangirizwa utuzi ku gahanga. Mwebwe abametodisite, abaperesibiteriyani, abagatolika, nimunyereke muri Bibiliya ahari nibura umuntu umwe wigeze gutonyangirizwa utuzi ku gahanga. Munyereke ahantu na hamwe mu Byanditswe bigeze gusuka amazi ku muntu kugira ngo ababarirwe ibyaha. Muhanyereke. Mwahambonera ? muramutse muhabonye, muzambwire manuke umuhanda nishyize icyapa mu mugongo cyanditseho ngo : «Umuhanuzi w'ibinyoma ! narahemutse.» Ni hehe muri Bibiliya yose mwabona aho bigeze babatiza umuntu mu izina rya Data, Mwana na Mwuka wera, nk'uko 80% muri mwe babatijwe. Munyereke Icyanditswe cyo muri Bibiliya kivuga umuntu wigeze kubatizwa atyo maze nzashyire icyapa mu mugongo kivuga kiti: «Umuhanuzi w'ibinyoma» maze nzamanuke mu muhanda ncyambaye. Munyereke aho umuntu wigeze kubatizwa, mu Itorero Rishya, atongeye kubatizwa bitari mu Izina rya Yesu wenyine, ah'ubwo mu Izina ry'Umwami Yesu Kirisito. Ni ukuri. Murebe niba ibyo atari ukuri.

126 None, hano, ni iki ? Yari nyina w'abamaraya. Ni iki cyamugize maraya ? Ni iki cyamugize umugore w'ingeso mbi ? Ni amahame ye. Ni iki cyabagize abamaraya ? Ni amahame ya nyina.

Ni yo mpamvu tutihanganira amadini yabo n'amahame yabo. Duhora twitunganishije iyi Bibiliya. Sinzi umwanya Ijambo ry'Imana rifite mu mibereho yawe, kandi warayigishijwe. Ni ukuri. Biterwa na we. Sinashobora kuguhatira kugendera ku Ijambo ry'Imana. Nshoboye gusa kukubwira icyo ukuri ari cyo. Ni yo mpamvu tutari idini. Sinashakaga - sinashakaga ko twiyanduza tujya mu bintu nk'ibyo, duhaswe gucira

bugufi amahame runaka. Nahitamo kujyana n'insuzugurwa nkeya z'Umwami. Nahitamo kuguma ntunganye kandi nera imbere y'Ijambo ry'Imana, nkaguma aho maze nkavuga ko ntazabazwa amaraso y'uwo ari we wese. Ni yo mpamvu tuzaguma mu rusengero rwitiriwe Branham. Ni yo mpamvu tutari Amateraniro (Assemblees). Ni yo mpamvu tutari abanyabumwe (Unitaires). Ni yo mpamvu tutari Yesu wenyine. Ni yo mpamvu tutari abametodisite. Ni yo mpamvu tutari Ababatisite. Ni - ni urusengero ni ruto hano. Ntitugira idini na busa. Dufite umudendezo muri Kirisito. Ni yo mpamvu tuguma uko turi. Kandi yaduhaye umugisha, Imana idufashe.

127 Noneho, dushobora kukubwira impamvu dusabanira ku ifunguro ryera. Tuzakubwira impamvu twozanya ibirenge ; n'impamvu tudashaka kureka ngo abagize itorero bafate ifunguro ryera, iyo tuzi ko babaye mu cyaha. Ni yo mpamvu ibi byumweru bibiri cyangwa bitatu biheruka, navuye kuri umwe mu bagize itorero njya ku wundi ; mugira n'izo ntonganya. Nasanze ari nta uvugana n'undi, kandi iyo bahuriraga mu nzira, buri wese yarebaga hirya. Mukozwe n'isoni ! Mwebwe mwateruye igikombe cyahawe umugisha n'Imana hejuru y'uru rutambiro, mwebwe mwitana bene Data na bashiki bacu, mwarangiza mugafata telefone mugatangira kunegurana, ntimukwiye kwitwa abakirisito, iyo mukora mutyo. Ni ukuri. Mugume kure ya telefone ! Niba mudashoboye kuvuga neza umuntu, icyo gihe ntimukabumbure umunwa ! Mwibuke ko Imana izabibabaza. Igihe cyose uwo mwuka uzaba ukikurimo, uzaba uzi ko udahuje n'Imana. Niba utumva…

128 Niba umuntu ari mu ikosa, musange maze mwiyunge. Niba mudashoboye kwiyunga, shaka uguherekeza. Ntibitangaje ko Imana idashoboye kuboneza Itorero Ryayo, ni uko mutabyitwaramo neza. Aho gufata telefone ngo uvuge ibi, ibyabaye no kugira udutsinda n'ibindi, aho gukora ibyo, kuki mudakora icyo Bibiliya yigisha ? Niba hari mwene Data ufatiwe mu ikosa, musange, maze urebe niba utashobora kwiyunga na we. « Mbese, rero, yangiriye… » Tutitaye ku cyo yakoze, pfa kumusanga. Nta havugwa ko ari we ugomba kugusanga. Ni wowe ugomba kumusanga, iyo ari mu ikosa. Uzavuga uti : « Mbese, ni we uri mu ikosa, ni we ugomba kunsanga. » Si cyo Bibiliya ivuga. Bibiliya yigisha ko ari wowe ugomba kumusanga. Niba ari mu ikosa, musange.

Hanyuma, niba adashaka gutega amatwi, ushake uguherekeza nk'umuhamya.

Kandi niyanga kubona uwo muhamya, noneho uvuge uti : « Mbese, ngiye kureba pasitori wawe. » Mubwire rero maze uvuge uti : « Ngiye kubimenyesha itorero, kandi niba mu minsi 30 ikurikiyeho, mwene Data, utarakemura cya kibazo… uwo mwene Data yiteguye kwiyunga. Wowe, nta byo ushaka. Kandi niba udakemuye icyo kibazo bitarenze iminsi 30… (rero, hazaba iki ?) Ntukibarirwa muri twe. »

129 Bibiliya ivuga iti : « Niba adashaka gutegera itorero amatwi, mumufate nk'umupagani n'uw'isi. » Murabona, igihe cyose mwene Data akirinzwe n'itorero, Amaraso ya Kirisito aramurinze. Ni yo mpamvu tutabasha gukuza itorero uko bikwiye. Noneho, … neza, aya ni amahame ya… y'idini ry'ababatisite - ya Branham Tabernacle hano - mubikurikire. Murabona, kuki…

130 Urugero niba mufashe hano abagabo babiri, Leo na njye, muzanjyana… Nzavuga nti: “Mbese, Leo yampemukiye.” Nta cyo bimbwiye, ngomba kumusanga. Mbese, ni umwe mu bagize iri torero. Ya - yabaye umukirisito. Afatira ifunguro ryera hano, ku rutambiro hamwe na njye, kandi twabatijwe mu Izina rya Yesu; twabaye abizerwa nka bene Data, hagati yacu, maze igihe kimwe, hari icyabaye.

Si umuntu. Muri 90% y'ibyabaye, ni satani witambitse hagati y'abantu. Si abantu, ni satani. Kandi igihe cyose muretse satani ngo abikore, uba ugiriye mwene So nabi. Ni ukuri.

131 Mbese, niba hari ikitagenda hagati ya Leo na njye, tuzagikemura. Kandi niba mwebwe, hari icyo mubona, ni inshingano yanyu kudusangamaze mukatubwira muti : « Mwembi, muze hano, mwiyunge. Tugiye gukemura iki kibazo. » Mbese, rero, niba ahageze maze agasanga duhari… mvuga nti : « Mbese, mu gutangira, niba tudashoboye kumvikana, icyo gihe muza ku rusengero, mutyo. »

Kandi rero, igihe - igihe cyose mutagize icyo mukora kuri icyo kibazo, Amaraso ya Yesu nyamara aturinda twembi. Murabona ? Ariko rero, iyo kanseri ya kera izabyara indi kanseri, kandi iyo kanseri izabyara indi, kugeza ubwo iherezo, itorero ryose rizarwara. Hanyuma, bizagera igihe, ubwo muzaza ku itorero, rizaba rikonje ku buryo muzagomba guhamagaza uwo kumena urubura hanze, mbere y'uko iteraniro ribasha kwinjira. Mbese, muzi ko ari ukuri. Rero rikonje ! Hari uwicaye hariya, murabizi, atagira icyo avuga. « Mbese, hambere, twari abanyamwuka. » None, ni iki cyabaye ? ko mwirukaga neza, kidobya yabaye iyihe ? Murabona ? Ibyaha byanyu ni byo bibatandukanya. Kandi Imana izabibabaza, bene Data! Noneho, mukemure icyo kibazo.

132 Nta kitagenda ku ruhande rwa njye. Nta kitagenda ku ruhande rwa Leo. Ni satani witambitse hagati yacu. Ni ukuri. Mukemure ikibazo. Mumusange. Hanyuma, niba adashaka gutega amatwi cyangwa niba ari njye, udashaka gutega amatwi, yaba umwe cyangwa undi, noneho mubibwire itorero. Kandi niba ataje ngo yiyunge n'iryo torero, mu minsi 30, icyo gihe ntaba akirinzwe n'Amaraso ya Yesu. Turamurekura. Ni ukuri kose. Mwitegereze rero ikiba. Mureke Imana rero ishyire ibintu mu buryo. Mwatuye umutwaro w'icyo kibazo. Mwakoze ibyo mushoboye byose, noneho mureke Imana imwiteho igihe gito. Izamunagira satani.

Ni bwo azagaruka. Ni atagaruka, azakenyuka.

133 Muribuka ko muri Bibiliya havugwa inkuru ya mwene Data umwe utarashakaga kwikiranura n'Imana. Ni bangahe bibuka iyo nkuru ? Yari yaragize muka se umugore kandi nta uwashoboraga kumugorora. Pawulo avuga ati : «Mumuhe Satani ku gira ngo umubiri we urimbuke.» Muzabona, muri 2 Abakorinto, ko yagarutse mu murongo.

134 Mfite umuvandimwe - incuti magara. Nifuzaga kuvuga izina rye hano, ni mwene Data w'umuvugabutumwa. Kandi uwo mwene Data w'umuvugabutumwa… izina rye ni mwene Data Rasmussen. Abenshi muri mwe, abavugabutumwa muri hano uyu mugoroba… izina rye riri mu bitabo byanyu nka mwene Data mpuzamadini i Chicago. Maze mwumve: yari afite umuhungu w'umuvugabutumwa, wagiye gushaka umukobwa w'umugatolika, bitangira bityo, bakora ibi, bakora biriya n'ibindi. Bahura n'akaga. Se ajya kumureba maze amubwira ati: "Umva mwana wanjye, urashaka kwiyunga?"

Asubiza ati: "Dawe…"

Yise itorero ryabo itsinda ry'abasazi - ise. Avuga ati: "noneho umva, waba ugiye kwiyunga n'iri torero?"

Asubiza ati: "Mbese, Dawe, uri data, kandi sinshaka kugirana ibibazo nawe." Ni byiza cyane.

135 Se aragenda, afata umwe mu badiyakoni maze ajya kumureba iwe. Amubwira ati : « Wesley, ndashaka kukuvugisha. » Abaza ati : « Uzikiranura n'itorero ? » Amusubizanya umushiha. Se avuga ati : « Ibuka, Wesley, ko ndi pasitori wa ririya torero, ndi so, ariko ngiye gukora icyo Imana itegetse. Nguhaye iminsi 30 ukazaba wamaze gukemura ikibazo ufitanye n'itorero, bitaba ibyo tukaguca mu Bwiza bw'Imana. Uri umwana wanjye, We ni umukiza wanjye. » Yongeraho ati : « Ndagukunda. Kandi uzi ko ngukunda, Wesley. Nagupfira none aha. Ariko ugomba kwikiranura n'Ijambo ry'Imana, urabona ? » Avuga ati : « Ndi pasitori, ndi umushumba w'uyu mukumbi. Waba umwana wanjye cyangwa undi wese, ugomba guhamanya n'Ijambo ry'Imana. Ni utabikora, sinzaba ngikwiye kuba umushumba Wayo. »

Yoo ! Uyu, ni umupasitori ! Ni umugabo ! Yabibwiye umwana we, yavuze ko byari byamubabaje, ariko yongeraho ati : « Iki ? Ni nde ugiye gukomeretsa : umuntu cyangwa umukiza wawe ? »

136 Rero, avuga ati : « Twakomeje kujya mbere. » Maze avuga ati : "Ntiyashakaga kubikora." Hanyuma tu… « Nabibwiye itorero. »

Avuga ati : « Umuhungu wanjye, wesley, yanze kuntega amatwi. Yanze gutega umudiyakoni amatwi. Ni we muhamya wa byo, mwene Data runaka. » "Yego." "Ni byiza cyane. Saa mbiri, icyumweru kizaza nyuma y'ibyumweru bine, niba adakemuye ikibazo afitanye n'itorero, Wesley tuzamuha satani, kugira ngo umubiri we urimburwe. Amaraso Ye… Amaraso ya - ya Yesu Kirisito, n'iri torero, ntibizaba bikimurinda."

137 Hanyuma uwo mugoroba uragera. Ahagarara ku rutambiro maze avuga ati: "Aracyafite iminota ibiri." Igihe kiza kugera, avuga ati : « Mbese, nk'uko umuhungu wanjye Wesley Rasmussen yabwiye iri teraniro na We, Mana ishobora byose… Twakoze ibyo dushoboye byose dushingiye ku Ijambo Ryawe no ku mabwiriza Yawe Umwana Wawe, Umukiza wacu yadusigiye. Noneho, iri torero nanjye, duhaye satani umuhungu wanjye kugira ngo umubiri we urimburwe, naho ubugingo bwe burokoke. » Nta kindi cyavuzwe. Nta cyabaye mu gihe cy'icyumweru kimwe cyangwa cy'ibyumweru bibiri, byenda ukwezi kumwe cyangwa amezi abiri.

138 Ijoro rimwe, Wesley afatwa n'uburwayi. Kandi ubwo yafatwaga n'uburwayi, yahise aremba. Ahamagara muganga. Muganga araza aramusuzuma. Yahindaga umuriro mwinshi cyane ungana na 105oF ari nta umenya impamvu y'ubwo burwayi. Yagendaga arushaho kuremba. Iherezo, muganga avuga ati : « Mbese, mu by'ukuri sinzi icyabaye. » Ntiyari azi icyo yakora. Avuga ati : « Turi buhamagaze inzobere. » Bahamagaza inzobere, inzobere irahagera. Bamujyana mu bitaro ; amaze kumusuzuma n'ibindi, avuga ati : sinashobora kubabwira ibyo ari byo, ariko uyu musore afite ishusho y'intumbi. » Umugore we yari ari aho, arira n'ibindi atyo. Kandi abana be bari bazengurutse igitanda n'ahandi batyo. Maze muganga avuga ati : «Aragiye. Nta kindi. » avuga ati : « Umutima we n'umwuka we byacitse intege. »

Uwo musore avuga ati : "Nimumpamagarire data." Yoo,yego! Ni byo bikwiye gukorwa. Ni byo. « Nimumpamagarire data. » Maze se yihutira kugera ku bitaro, ngo amurebe. Avuga ati : « Data, simbishoboye ubu, ariko Imana irumva amagambo yanjye : nzaboneza byose. Nzabitunganya. Yego nzabikora. » Yego, yego. Bene Data, ako kanya arazanzamuka, atangira gukumeka neza.

Ku cyumweru gikurikiyeho, yari imbere y'urusengero. Avuga ati : « Nacumuye ku Mana, imbere y'uru rusengero. Nanze gutegera amatwi amagambo ya pasitori. Nanze gutega amatwi umudiyakoni hano. » maze avuga ati : « Nsabye iri torero kumbabarira ikibi nakoze », atyo. Yongera kuvuga ati : « Imana yarengeye ubugingo bwanjye. Ndabahamiriza ko yabayeho mu buryo butunganye. Yego ! Ni cyo mugomba gukora. Murabona ? Gusa nimubyitwaramo mu buryo bw'Imana. Murabona ?

139 Mbese, nimurebe uburyo dukora : dufite inama y'inteko kandi tuvuga tuti : « Mbese, twagombaga rero gukomeza… » Simbivugira iri torero, ah'ubwo nshaka kuvuga twebwe abaporoso. Dufite inama y'inteko kandi tuvuga tuti : « Dupont, mumutekereza mute ? Mutekereza ko ikimukwiye ari iki ? Ntekereza ko yaba umumetodisite mwiza kuruta uko yaba umwe muri twe. Turi kumwe. Si - si byo ! Ni yo mpamvu, tutagomba gukurikiza imigenzo yabo ; umugenzuzi umwe twagombaga guhamagara, umwe mu bagize… Mumwita mute ? Ni umugenzuzi w'intara mu idini rya pantekote - umukuru w'akarere twakagombye guhamagara ngo arebe imyitwarire y'uwo muntu.

Bibiliya itubwira icyo gukora. Niyo mpamvu tudashaka guta igihe ku madini yabo. Tugendera kure y'ibyo. Amen. Nizere ko mutandakariye, si byo ? Ntimukabikore ! Ni byiza cyane. Nshobora kuzabona ibibazo byiza cyane ejo nimugoroba. Ariko, rero, ni ukuri. Murabona ? Ntimukabyibagirwe. Mumenye…

140 Ndavuga ibi noneho. Mwebwe mwaturutse mu madini atandukanye, mu idini ryanyu, kandi, mwene Data, simvuze ko utari umukirisito. Simvuze ko idini ryawe ritari… harimo ibihumbi by'abakirisito b'intwari. Ngeragaza gusa kwerekana impamvu tutari idini. Ni uko byonyine ntifuzaga kubishyigira. Ashwi da ! nifuzaga bidashidikanywa… cyangwa nkagerageza kubabwira igikwiye gukorwa. Niba Imana impamagariye kubwiriza Inkuru Nziza, icyo gihe nzayibwiriza nk'uko Imana ibintegetse. Biri neza na neza nk'uko byanditse muri iyi Bibiliya. Niba bidahuye n'Ibi, Imana izabindyoza. Ariko niba mbonye isega cyangwa umwanzi bije maze simbaburire, Imana izabimbaza. Ariko, niba mbaburiye, icyo gihe muzibazwa. Murabona ?

141 Mwibuke: «Mu minsi yanyuma, hazaba ibihe birushya. Abantu bazaba bikunda, birarira, bibona, batukana.» Murabona? Abatukanyi: «Yoo! Ririya tsinda ry'ibigoryi; iminsi y'ibitangaza yararangiye. Ntabikibaho. » "Ni umuhanuzi ushaje w'ibinyoma." "Tuzi ko abagore bacu banganya ubwenge n'abagabo." Ntabwo mbihakana, ariko Bibiliya y'Imana ivuga ko bakwiye kugendera kure y'igicaniro. Naho ku bwanjye, birahagije. Murabona? Ni ukuri. Ni byiza. Murabona? "Rero, mu madini yacu, dufite abantu b'intwari bangana n'abanyu." Si ibyo mvuga, ariko Bibiliya icira iteka ku madini. Ni ukuri. Bityo simvuze ko mudafite abizera beza mu itorero ryanyu. Ni igitangaza. Ni abantu b'intwari. Babarirwa mu ntwarane; mbasanga mu bagatolika no mu bandi bose. Mu madini yose, mpasanga abizera beza.

142 Rero, uburyo turi bwerekane ibi, ncuti zanjye, niba ari Ubushake bw'Imana, mu materaniro abiri ataha… nzabibamenyesha ejo mu gitondo, niba ari ngombwa ko dufata n'igicamunsi cy'ejo cyangwa tukakireka, murabona, kugira ngo tubirangize. Impamvu tugerageza gukora ibi, ni uko nshaka kugira aho mbigeza. Kandi niba ushatse kuzana umuntu, ubifitiye uburenganzira, ariko wibuke ko utagomba kuzanwa no kunegurana. Muzanwe… Ndiho ndabwira iteraniro ryanjye, Murabona? Sinjya nigisha ibi hanze y'iri teraniro ryanjye, kuko hariya, ni umurimo w'undi. Ni umushumba w'uriya mukumbi. Ni umushumba w'uriya mukumbi. Gusa jyewe ndi…

…[Agace ka bande katagira amajwi - Umwanditsi]

143 duhite tujya mu Itangiriro, Izabishyira ahagaragara, kugira ngo turebe aho bigeze. Noneho, tujyiye gusubira mu Itangiriro kugira ngo tumenye umwana w'ikinyendaro atashoboraga kwinjira mu Iteraniro ry'Uwiteka mu gihe cy'ibisekuru 10, ariyo myaka 400 kugira ngo icyo cyaha gihanagurwe. Turaza kureba uburyo icyaha cy'ababyeyi gikurikirana abana n'abana b'abana, uburyo byahereye mu Itangiriro bigakomeza bityo. Hanyuma, muzabona ko…

144 Musubire mu ntangiriro, Imana, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, mbere y'uko ubusabusa bw'ubuzima (atome) bubaho, mbere y'uko habaho agashashi k'umucyo, Yari izi buri kiremwa n'icyajyaga kuba ku isi cyose. Hari uwaba aha… Ntimwashobora gusobanura icyo ijambo - n'iyo waricagagura - icyo ijambo "Ikitarondoreka (infini)" rishaka kuvuga. Ni nk'aho washaka gufotora ikirere cyose, usanga wafashe ubusa. Murabona? Ikitarondoreka. Dukoresheje ubwenge bwacu bufite aho bugarukira, ntidushobora gusobanukirwa icyo Ubwenge butarondoreka bwahanga. Murabona ? Ntabyo twashobora. Namwe ntimwabishobora. Murabona? Ariko mwitegereje kandi mukaguma mu Mwuka, mwashobora kubyumva. Kandi tugarutse hano mu Byanditswe, muzabibona, murabona, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro.

145 Kandi, Bibiliya ivuga ko Yesu Kirisito yari Umwana w'Intama w'Imana… Noneho, mutegamatwi mutuje, kuko bamwe muri mwe batazaza hano ejo kumva isoza. Bibiliya ivuga yari Umwana w'Intama w'Imana watambwe isi itarashyirirwaho urufatiro. Ni byo ? Yatambwe ryari ? Mbere y'urufatiro… Ibyo ni isi, igizwe n'ubusabusa bw'ubuzima bwamanyaguritse, buva ku zuba, mbere yo kuba uko biri ubu. Rero, mbere y'uko ubusabusa bw'ubuzima bumanyuka ku zuba - imyaka n'imyaniko mbere y'uko agashashi k'umucyo kamanyuka ku zuba ngo karemeshwe isi, ni bwo Kirisito yatambwe. Iyo igitekerezo gikomeye cy'Imana gihagaze ku kintu, kiba ari ikintu gisohoye. Iyo Imana ivuze iti: «Ikintu runaka kibe», biba byarangiye, kabone n'ubwo byatwaye miliyari 100 z'imyaka kugira ngo bisohore. Biba bisohoye iyo Ibivuze. Ubwo Umwana w'Intama yatambwaga mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, ya Bibiliya imwe, wa Mwuka umwe yanditse kandi Avuga ko amazina yacu yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro.

Rero, umuntu wanditse indirimbo: Hari izina rishya ryanditswe mu Bwiza yarafite imigambi myiza, ariko ntibyari byanditswe muri Bibiliya. Murabona? Iryo zina ryanditswe mu Bwiza, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro. Igihe Umwana w'Intama yatambwaga, ni bwo amazina yacu yandikwaga mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama.

146 Munkundire mbahe imirongo mike y'Ibyanditswe. Muracyanyihanganira akanya gato? Mbitekerejeho. Ntekereza ko nshobora guhita njyayo. Ndashidikanya. Noneho, mbabajwe n'uko mbaheranye igihe kirekire, ariko nababwiye ko byajyaga kurangira saa sita z'ijoro. Ntiharagera; ariko nifuzaga gusa gufata imirongo y'icyo Cyanditswe. Dufate Igitabo cy'Abaroma, ndashaka ko tugisoma Abaroma 8 : 28

> *Kandi tuzi y'uko kubakunda Imana byose bifatanira hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko Yabigambiriye, kuko abo Yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n'Umwana Wayo, kugira ngo Abe impfura muri bene Se benshi. Abo Yatoranyije kera yarabahamagaye, kandi abo Yahamagaye yarabatsindirishirije, n'abo Yatsindishirije yabahaye ubwiza.*

147 Mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatizo, ubwo Imana yarebaga hasi… kandi Imana ntijya ikora imirimo Yayo ivuga iti: “Mbese, noneho, ngiye… Yoo, tugire dute noneho?” Murabona? Ntakigenda…

Mwibuke, gukiranirwa, icyaha, ni ugukiranuka kugoretswe. Satani ntashobora kurema. None se, murabisobanukirwa mwese? Ni amahame y'iri torero. Satani ntashobora kurema. Ashobora kugoreka ibyo Imana yaremye. Ese, kugoreka ni iki ? Nimwumve, dufate ko mwese muri bakuru, abenshi. Mwumve ibi. Twese turubatse. Mwebwe abagabo n'abagore, mushobora kubana nk'umugabo n'umugore, kandi aba bagore, neza na neza baracyari nk'uko ba-… Baracyari amasugi igihe cyose bakiri kumwe n'abagabo babo. Ni ukuri. Kandi biremewe, kandi biri muri gahunda. Ni itegeko ry'Imana kubikora. Undi mugore ashobora gukora igikorwa kimwe n'icy'umugore wawe, ariko mu ruhande rumwe, ni ugukiranuka mu maso y'Imana; mu gihe igikorwa kimwe hagati y'abatashakanye, ari ugucirwaho iteka n'Imana. Ni iki ? Gukiranuka kugoretswe. Murabona ? Ugukiranuka kugoretswe.

148 Kandi, satani ntashobora kurema, ah'ubwo agoreka ibyo Imana yamaze kurema.

Ikinyoma ni iki ? Ni ukuri kugoretswe. Iyo aba hari uwari avuze ati : «Yoo ! Mwumve, hari ku wagatandatu saa tatu z'ijoro. Bill Branham yari i Jeffersonville.» ni byo « Yasindiye mu kabari kitwa Antz. » Ikinyoma. Byari ibi ki? Nari ndi i Jeffersonville. Ni ukuri. Kwari ugukiranuka kwagoretswemo ikinyoma. Murumva icyo nshaka kuvuga ? Murabona ? Ikinyoma kigoreka ikiri ukuri. Aho nari ndi haravuzwe. Rero, iyo haza kuvugwa ngo : « Ku rusengero abwiriza », byajyaga kuba ukuri, ni ugukiranuka. Yakabaye yavuze ukuri. « Mu kabari, anywa inzonga », ni ikinyoma, biragoretse ; Murabona ? Ukuri kugoretswe. Murabona icyo nshaka kuvuga. Ugukiranirwa kose, ni ugukiranuka kugoretswe.

149 Urupfu ni iki ? Ubuzima bugoretswe. Indwara ? Ubuzima buzira umuze bogoretswe; wakagombye kuba uri umugabo ukomeye kandi ufite ubuzima buzira umuze. Ni byiza cyane. Niba urwaye, ni iki ? Ubuzima buzira umuze bwawe bwaragoretswe. Murabona ? Byose birahari. Ni iki ? Kera wari inkumi nziza, n'umusore mwiza ukomeye. None, mwazanye iminkanyari kandi muranashaje. Ni iki ? Ubuzima bugoretswe. Murabona ? Bihise bigaruka. Murabona ? Kandi bigomba kugaruka. Izina ry'Umwami rishimwe. Imana yadusezeranije kubitugarurira. Kandi ntagushidikanya ko ibyo… Niba ari uko bimeze, tuzi ko ari ukuri. Kuba byonyine twarabyigeze, Imana izabidushumbusha.Yarabisezeranye. Kandi Yirahiye ko izabikora. Ni cyo kizabikora.

150 Ni byiza. Yoo ! Ni bantu bwoko ki twakagombye kuba ? Noneho, murebe uburyo ibi bintu bisohora. Mbese, « Abo Yamenye kera, yarabahamagaye; abo Yahamagaye, yaranabatsindishirije. » Ryari ? Mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, mbere y'uko isi ibaho rero. Kandi, niba dushobora gufata iyi mirongo y'Ibyanditswe maze tukabisobanura neza, twabitaho igihe kinini; ariko ntabyo dushaka gukora. Ariko, uku gukiranirwa kose, ni ugukiranuka kwagoretswemo ugukiranirwa. Ni cyo satani akora. Mbese, iyo ugeze mu myaka y'ubwenge, ukabasha gutandukanya icyiza n'ikibi, wakagombye kuba warateye ikibi umugongo. Mbese, wavukiye mu cyaha, wasamiwe mu gukiranirwa maze uza mu isi ubeshya. Wavutse binyuze mu mibonano mpuzabitsina none ugomba kuvuka ubwa kabiri, kugira ngo ubone ivuka rishya, kugira ngo ujye mu Ijuru, kuko uburyo bw'ivuka mufite hano…

Mushobora kubona uburyo Abahamya ba Yehova bazimiye, batekereza ko kuvuka bwa kabiri ari ukuzuka k'umubiri ? Murabona, ntibishoboka. Murabona ? Bigomba kuba ikintu runaka…

151 Wowe, uri agace k'igihe. Kandi ikintu rukumbi cy'iteka, ni ikitagira itangiriro ntikinagire iherezo. Icy'iteka cyose nticyigeze itangiriro habe n'iherezo. Murabona ? Bityo, niba uri igice cy'Imana, Umwuka uri muri wowe ntiwigeze itangiriro habe n'iherezo; uri uwiteka ku bw'Umwuka ukurimo. Murabona ? Bimeze nk'urukundo agapao, maze bikamanuka ku rukundo filewo (phileo), hanyuma, bikamanuka ku rukundo rw'irari. Biramanuka, bimanuka, bimanuka bigorama kugira ngo ku iherezo bizahinduke ikirundo cy'umwanda. Mbese, uburyo rukumbi, Yesu yamanutse uru rwego rumwe hano mu isi, kugira ngo ashyire hejuru icyari hasi cyane ngo agishyire hejuru cyane, kive mu rupfu kigere mu Bugingo; kive mu burwayi

kigere mu buzima buzira umuze; kive mu gukiranirwa kigere mu gukiranuka. Murabona ? Yavuye ahasumba ahandi agera munsi y'ahandi, kugira ngo ageze ahasumba ahandi uciye bugufi kurusha abandi. Yahindutse njye kugira ngo, ku bw'ubuntu Bwe, mbashe guhinduka We, umuragwa w'Ingoma mu Bwiza. Murabona icyo nshaka kuvuga ? Ibyo bintu… Noneho, murebe! Hariya, mbere y'uko iyi si itangirira muri buriya busabusa bw'ubuzima kandi ubwo Imana yabonaga ibyari bigiye kuba, kiriya gihe, Yarakubonye, Yarambonye, Yabonye buri mbaragasa, buri sazi, buri gikeri, buri mubu. Yabonye, kiriya gihe, icyajyaga kuba ku isi cyose. Ntagushidikanya.

152 Nyamara, ntiyigeze avuga ati : « Nzohereza Umwana Wanjye mu isi maze Mureke apfe, kandi ahari hari uwazamugirira impuhwe. Bizaba biteye imbabazi cyane ku buryo hashobora kugira uzakizwa. »

Yamenye kera abajyaga gukizwa. Yego, yego. Ivuga iti: "Nanze Esawu, nkundaYakobo", mbere y'uko hagira ubona amahirwe yo kugaragaza uwo yari we, kuko Yo yari izi abo bari bo. Yari ibizi, Izi byose. Yari izi icyo wajyaga gukora mbere y'uko uvuka cyangwa mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.

153 Noneho murebe. Nk'uko mubizi, ndi umuhigi. Nkunda imbunda. Kandi umugore, muri Tegizasi (Texas), ntekereza ko ari muri Texas, yanzaniye imbunda "Swift 220". Nifuzaga kuyitunga. Nashakaga kuyiga. Ni yo mbunda nto irusha izindi imbaraga. Ni igitoryi 22, igitoryi kirimo udusoro 48 gipima garama 3. Kandi ushobora gupakira igitoryi n'intoki. Ariko rero, uruganda ruvuga ruti: "Ntukabikore, byagukoraho." Ariko, ushobora gupakira icyo gitoryi n'intoki kugira ngo kigende 1.524 m mu isegonda kandi ukagikomeza ahantu hamwe. 1.524 m mu isegonda. Birenze ikilometero n'igice mu isegonda. Mu yindi mvugo, ni urasa inkongoro iri muri 200 m, uzabona amababa atumuka imbunda itari yananyeganyega. Murabona? Ariko uramutse ufashe agace kadasongoye k'akihaganyuzo (cure - dent), ukagashora mu ifu y'isasu (poudre) maze iyo fu ikariho ukayisuka mu gitoryi - neza ifu yashobora kujya ku kihaganyuzo - maze ukarasa marimote (marmotte) iri hariya inyuma muri iki cyumba, izaba yiyicariye gusa hariya ikwitegereza. Haba habaye iki? Isasu rirashwanyagurika kuko ryihuta bikabije. Kandi muramutse mushyize ishuka hagati y'aha na hariya, nta n'ubwo mwabona igitoryi kigwa ku ishuka. Byasubiye kuba, ikitari ivu, ivu ry'ibirunga, ariko birenga ibyo kure. Bisubira muri za aside (acides) z'umwimerere zikoze umuringa (cuivre)na pulo (plomb) birimo. Bisubira uko byari bimeze mu myaka miliyari ijana ishize. Nyamara, dore igitoryi cy'udusoro 48 twa garama 3 mfashe mu kiganza maze mu isegonda ikurikiyeho,kigasubira uko cyahoze mu myaka miliyoni ijana ishize, kandi byashoboka ko iyo aba isi yari yongeye kubaho indi myaka miliyoni ijana, byakongeye kuba igitoryi. Byakongeye kuba bityo, kuko byakongeye kuba umuringa.

154 Noneho, nimureba ibyo Imana yakoze, muzayikunda. Icyo gihe, muzataha maze muryame kugeza ubwo muzaryamira bukeye. Muzayikunda uko mutabyigeze. Kandi Imana ni Rwiyemezamirimo. Ni bangahe babizi? Ni Umwubatsi. Ni byiza cyane. Mutege amatwi mutuje cyane. Nyamara Imana, hashize igihe kirekire cyane, ubwo, bavuga… Ubu, tugiye gufata igitekerezo cy'umunyamateka (chronologiste) kuri byo. Imana, mu myaka miliyari 100 ishize, ubwo yiteguriraga kurema isi, mbese, yaratangiye, byonyine. Kandi, Yari ifite igitekerezo mu mutima Wayo.

155 Noneho, uzavuga uti : « Niba Ikomeye ityo, Mwene Data Branham, bishoboka bite ko Yemerera satani gukora icyaha? » Mbese, Yari izi, mbere y'uko satani aremwa, ko yajyaga kuba satani! Bwiza. Noneho, ndumva mfashijwe. Yoo! la la! Yari izi, mbere y'uko satani aremwa, ko yajyaga kuba satani! Mbese, uzabaza uti : « Bimeze bite? » uzavuga uti : « Kuki Yamuretse ngo abe satani? » Kugira ngo Imenywe nk'Imana. Ni yo mpamvu Yabikoze. Kuki habayeho ugukiranirwa ? ni ukubera iki ?

156 Ni nde wabayeho mbere : umukiza cyangwa umunyabyaha ? Ni nde wabanje? Umukiza. Ni nde wabanje : Umukiza cyangwa umurwayi ? Kuki byemewe ko habaho umunyabyaha? Kuko ibitekerezo Byayo, byari ukuba Umukiza. Haleluya! Ishobora gukora ngo byose bisozereze ku Ikuzo Ryayo. Ikibumbano cyabasha kubaza umubumbyi kiti : « Kuki wambumbye utya? Ni nde uri ku ruziga? Ni nde ufashe ibumba? Riri mu biganza bya nde? Pawulo yavuze ati : « Yoo, Ntiyavuze ko ari cyo Yari yahagurukirije Farawo? » Ntagushidikanya, Yari ibizi isi itari yashyirirwaho urufatiro. Yari izi ikintu cyose icyo cyajyaga kuba cyo. Yemerera icyaha kubaho, kugira ngo Ishobore kuba Umukiza. Yemeye ko uburwayi bubaho, kugira ngo Ibashe kuba Umukiza. Yemereye urwango kubaho, kugira ngo Ibashe kuba Urukundo. Ntagushidikanya, Yarabikoze. Ni Imana, kandi ni ibyitiriro Byayo. Kandi Igomba kugira ikiyishoboza kugaragaza ibyitiriro Byayo.

Wajyaga kumenya ute ko ijoro ribaho? Wajyaga kubimenya ute? Iyo hajya kubaho umunsi gusa, wajyaga kumenya ute ko ijoro ribaho? Ijoro ribereyeho kugaragaza umunsi. Ntagushidikanya. Amen. Urabona icyo Yakoze?

157 Ariko ubwo Yari ari hariya, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, mbere y'uko Ifata ririya zuba maze Ikaritegeka kuzenguruka isi, kandi Yayibumbabumbiye hano ku zuba hanyuma Iyishyira mu kirere. Dufate ko iki ari izuba, Yaribumbabumbiye kuri uru ruhande maze Irisiga rinagana mu kirere mu gihe cy'imyaka miliyari 100. Yari ihugiye ku ki? Myuka. Ijya ku rundi ruhande, Ikora ibindi. Yariho ikora iki? Potase (potasse). Ibihindukiza muri uru ruhande, none Yariho ikora iki? Kalisiyumu (calcium). Yariho ikora iki? Yariho iturema, wowe na njye. Yakoraga iki? Nka rwiyemezamirimo, Itegura ibikoresho Byayo byose. Yari

izi neza umubare w'amazu yajyaga kubaka. Kandi tugizwe n'ibintu 16 bigize isi; maze Iturema twese, Idushyira hariya, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro… byashoboka ko isi yaba yarabaye « oblong » kiriya gihe. Sinzi uko yari imeze. Ni iyihe mpamvu yateye Imana kurema zahabu, umuringa, « laiton », amazi n'ibindi. Ni uko Iri Rwiyemezamirimo. Ni Umwubatsi. Yari ifite ibyangombwa byose biri mu mwanya wabyo. Ubwo Yarangizaga gukora byose, byari iruka ry'ibirunga rikomeye. Yateye biriya birunga bishaje kuruka mu gihe cy'imyaka miliyoni ijana (100) kugira ngo habeho kalisiyumu (calcium). Ni iki? Ni igice cyawe.

158 Bityo, mbere y'uko habaho agashashi k'ubuzima ku isi, imibiri yacu yari iri hariya. Haleluya! Mbere y'uko igitonyanga cy'ubuhehere kiza ku isi, twari hariya. Ubwo Adamu yazengurukaga ingobyi ya Edeni, nari mpari. Amen. Yego, yego. Yoo, Bwiza! Ubwo Abakerubi, inyenyeri zo mu rutururuturu zaririmbiraga hamwe, ubwo Abana b'Imana basakuzaga banezerewe, nari mpari, ntegereje, byonyine, ko umwuka w'ubuzima aza. Nari mpari. Yandemeye hariya. Umubiri wanjye wari uhari. Yego, yego. Si ukuri, wavuye he? Byaje bite? Imana yari yarawushyize hariya. Imana yarabikoze. Tugizwe n'ibintu 16: peteroli, potase, umucyo (lumiere cosmique) n'ibindi; murabona? Ni ho twari turi.

159 Hanyuma, ni iki cyaje kuba? Imana yaje kubwira Mwuka Wera - tugiye gusa kubifata nk'urugero - iti: “Hita ugenda maze urarire isi. Mbese, ndi Urukundo, ukaba uri igice cyakuwe muri Njye, noneho hita ujya kurarira isi.” Kandi dushobora kubona Mwuka Wera ukomeye agenda, hariya (ni mu buryo bw'ingero gusa, Mwuka Wera n'Imana, ni ikintu kimwe, ni umntu umwe). Tuvuge ko Yatanze amababa Ye agatangira kurarira isi. Kurarira bishaka kuvuga iki? Ni nk'uko inkoko igirira imishwi yayo, ihamagara iti: “Cot - cot - cot.”

160 “Yoo Buzima, ngwino!”, ni ko Yavuze. Areba hirya no hino maze avuga ati: “Ndashaka ubwiza kuri iyi si. Buzima ngwino!” Mwuka Wera akora. Kandi icyo gihe, nararebaga maze mbona hariya ku musozi, hatemba kalisiyumu, hanyuma yivanga na potase. Byaje guhindukamo iki? “Buzima, ngwino.” Hanyuma akarabo ka Pasika gasohora umutwe munsi y'ibuye. Avuga ati: “Ngwino hano, Dawe, reba.”

Ni byiza, komeza gusa urarire. Atuma haboneka indabo uko arushaho kurarira. Atuma haboneka ibimera uko arushaho kurarira. Atuma habaho inyamaswa uko arushaho kurarira. Inyoni ziguruka zivuye mu mukungugu. Nyuma y'aho haje kuboneka umugabo n'umugore. Umuntu araboneka kandi umuntu yari umugabo akaba n'umugore icyarimwe. Nyamara ntiyari ikinyabibiri, gusa byari muri we.

161 Umwuka wa kigore wari wihishe muri we.

Muramutse mufashe umugabo witwara kigore, ashobora kuba akiranuka kandi afite ubwenge, ariko hakaba hari ikitagenda muri we. Muramutse mubonye umugore ushaka kwiyogoshesha no kwambara isarubeti, maze agasohoka akavuga ati: “Imana ishimwe!” Hari ikitagenda muri we. Umugore afite umwuka wa kigore naho umugabo akagira umwuka wa kigabo. Turabizi. Kandi na mwe murabizi. Byaba bikwiye ko umugore agerageza gukora nk'umugabo?

162 Mbese, igihe kimwe, nari umurinzi w'icyanya cyagenewe guhiga ino aha, ni uko nza kuba nicaye muri bisi njya iriya, nkomanga ukuguru k'umugore twavuganaga, ntazi ko yari umugore. Yari yambaye akagofero k'abasuderi n'ibidarubindi binini by'akazi. Nari nicaranye na we ambarira inkuru y'ibyari byabaye. Yari akambije agahanga bishoboka, ananywa itabi. Avuga ati: “Ejo nimugoroba, uriya mugabo yanyereye hejuru y'iki kintu. Habaye iki? Yoo! la la! Yatembagaye hariya hasi.” Avuga ati: “Sinigeze nseka mu buzima bwanjye nk'uko nasetse uwo munsi.”

Kandi narasekaga, murabizi, nk'uko [Mwene Data Branham yumvikanisha urusaku rw'agashyi - Umwanditsi] maze mvuga nti: “Mbese, mugabo, byari bikwiye, si byo?” Nari nicaye hariya muvugisha. Ariko ubwo yavanagamo ingofero maze akazunguza umutwe, ni bwo namenye ko yari umugore. Sinari narigeze kumva ncishijwe bugufi nk'icyo gihe. Mvuga nti: “Uri umugore?” Ansubiza ati: “Ndi we, rwose.”

Mvuga nti: “Mbabarira.” Sinari nabibona; nyamara ni ukuri.

163 Kiriya gihe, nabonye icyapa, cyantangaje. Cyari icyapa kinini cyavugaga kiti : « Abagore biteguye kwambara imyenda.» ntekereza nti : « Imana ibishimirwe.» murabona? Ariko naje kumenya nyuma ko bwari ubwoko bw'imyenda yabaga yaradozwe kera hatazwi uzayambara, murabizi. Natekerezaga ko bari bagiye kwambara by'ukuri. Narabitekerezaga by'ukuri. Icyo cyapa cyari cyanditsweho ngo: « Abagore biteguye kwambara imyenda.» Mvuga nti: « Imana ishimwe ku bwa bo. Ni byiza.» Nabishimiye Imana by'ukuri. Ariko, murabona, byababaga gusa ari ubwoko bw'imyenda yabaga yaradozwe kera, ibintu nk'ibyo. Byagobaga kuba ikintu giteye amatsiko muri iki gihugu, si byo?

164 Rero, ubwo Adamu yabonekaga… Hanyuma, Adamu ni nk'aho yari wenyine, maze Imana ifata akabavu ko mu rubavu rwe maze Ikabumbamo Eva, uwakuwe muri Adamu. Ikura muri Adamu umwuka wa kigore maze Iwushyira mu mugore, umwuka rukundo, wa kigore, w'ubugwa neza. Irekera umwuka wa kigabo mu Adamu. Nyamara, niba hari ikinyuranye, ni uko hagomba kuba hari ahari igoreka. Burya, bombi bari umwe.

165 Mbese, twishushanirize nkuru ntoya mbere yo gusoza. Murebe, ni Adamu ufashe Eva, agatoki mu kandi maze bagatembera. Iyo nkuru ndayikunda by'ukuri. Byaragiye, murabizi. Maze Eva avuga ati: “Yoo, mukundwa, ushaka kuvuga ko ufite…”

- Yego, nagihaye izina runaka.

- Mbese, kiriya wacyise ngo iki?

- Kiriya cyitwa ifarashi. Yego, yego.

- Iki, ni iki? - Ni inka. Yego, yego.

- Ni wowe wayise izina? - Yego, yego, yego.

- Biriya ubyita ngo iki? Biriya byombi birebana mu maso?

- Ni inyoni bita intatana.

- Yoo! Ndabibona. Ndabibona. Maze bakomeza batyo.

- Iki kintu ni igiki? - Kiriya kintu nacyise izina runaka, n'iki nagihaye izina.

- Yoo! Ndabibona. Yego, yego. Biratangaje. Maze intare irivuga. - Kiriya cyitwa ngo iki?

- Ni intare.

- Kiriya se kandi cyo ni iki?

- Ni igisamagwe.

“Yoo! Ndabibona…” Neza na neza ni nk'ibyana by'injangwe, murabizi, biriho binwigira.

166 Bityo, nyuma, areba hirya no hino maze avuga ati: “Mukundwa, reba hariya, izuba rirarenze, ni igihe cyo kujya mu rusengero.” Murabizi hari igitera ko, iyo izuba rirenze, mwifuza kuramya. Iyo mutajya mu rusengero uriya mugoroba, mwakwishimira kujya mu cyumba gusoma Bibiliya. Ni bangahe bakunda kubikora, mukishyira ukwa mwenyine? Murabona? Ni ibisanzwe mu muntu kubikora. Mwakagombye kubikora. “Ni igihe cyo kujya ku rusengero.”

Kandi, ntibigeze bavuga batti: “Tegereza akanya. Jones abarirwa mu idini ryitwa Amateraniro (Assemblees) naho twebwe tukabarirwa aha n'aha.” Oya, nta kimeze gityo cyigeze kibaho kiriya gihe, bityo bigira hariya byonyine. Nta rusengero rufite intebe nziza nk'izi bari bafite. Bajyaga hariya gusa, munsi y'urusengero rukomeye rw'ibiti hanyuma bagapfukama.

167 Kandi iyo “halo” yari imanitse mu bihuru, murabona? Kandi nshobora kumva Ijwi rivuga riti: “Abana Banjye baba bishimiye ku isi Uwiteka, Imana yabo, yabahaye?”

“Yego, Mwami. Turanezerewe ubu; si byo, mukundwa?”

“Yego, yego, mukundwa, turanezerewe.” “Mwami, turakwemera bidashidikanywaho. Noneho, ngiye kuryama kugira ngo nsinzire.” Murabona? Arambura ukuboko kwe maze Eva akuryamaho, aryamisha igisamagwe, intare n'ibindi kugira ngo basinzire batuje cyane.

Rero Imana iramanuka iri kumwe n'itsinda ry'abamalayika, Gaburiyeli, ibyaremwe Byayo byo mu ijuru. Bityo, baramanuka maze binjira bomboka mu cyumba cyo kuryamamo, murabona, bareba hirya no hino. Gaburiyeli avuga ati: “Data, ngwino hano, ngwino hano! Itegereze rero. Dore abana Bawe aho baryamye.”

168 Bangahe muri mwe bageze ku musego… Bamwe muri mwebwe abamama, wowe na data mwembi, mwitegereje uwo muhungu, uwo mukobwa maze mubwirana muti: “Ntimusa aha n'aha?” Mwari mwabikora? Mbese, nkunze kugenda nkabwira Meda, ku bireba Yozefu, na we akavuga ati: “Bill, afite uruhanga rwegutse nk'urwawe.”

“Yego. Ariko Meda, afite amaso manini nk'ayawe.” Kubera iki? Ni umusaruro w'ubumwe bwacu.

Gaburiyeli avuga ati: “Urabizi, murasa pe.” Ni uko Imana isa. Wirebe. Ni uko Imana isa. Isa nawe. Uri ishami Ryayo. Ni bangahe babizi? murabona?

169 Noneho, mwitegereze. Ni iyihe shusho y'ubuzima iciye bugufi tuzi? Igikeri. Ni iyihe shusho y'ubuzima isumba ayandi? Umuntu. Ntagushidikanya. Ni iyihe shusho isumba ayandi? Biva ku gikeri ugera kuri iki cyangwa kiriya, ku nyoni n'ibindi. Byari amashusho y'ubuzima agenda arushaho kujya ejurukugeza ubwo bigera ku ishusho isumba ayandi. Iyo isumba ayandi ni yo shusho y'Imana. Umugore ntabwo yaremwe mu ishusho y'Imana, ah'ubwo mu ishusho y'umugabo. Murabona? Mbese, mbese, ngabariya. Imana irabareba maze Ivuga iti: « Yego ni ibitangaza.»

170 Byari ibiki, mwene Data? Ntabwo bashoboraga gupfa. Byari gusa igipfunsi cya mbere cya kalisiyumu, potase n'ibindi byatangiraga bityo; ntibitangaje? Ariko icyaha cyaraje maze cyangiza ishusho. Kuki Imana yemereye ibyo byose kubaho? Kuki Yemeye ko biba nk'uko twabivugaga mu kanya? Yabyemeye kugira ngo Ihamye ko ari Yo Mukiza. Yarabikoze. Yaretse uburwayi bubaho kugira ngo Ihamye ko ari Yo Mukiza w'indwara. Yaretse urupfu rubaho kugira ngo Ihamye ko ari Yo Bugingo. Murabona? Ireka ibyo bibi byose bibaho kugira ngo Ihamye ko ari Nziza, icyoYari cyo. Tugiye…

171 Muravuga kuririmba amateka y'Icungurwa! Rero, mwene Data, ubwo Yesu azaza, iri torero rizahagarara hariya, ku mupaka wa kiriya gihugu maze riririmbe amateka y'Icungurwa, mu gihe abamalayika bazaba bubitse imitwe, batazi ibyo tuvuga. Mbese, ntibigeze bakora icyaha. Twebwe, tuzi gukora icyaha no gucungurwa ibyo ari byo. Yoo! Kurangurura ishimwe Rye! Si Umukiza kuri bo. Ntibigeze bakenera agakiza. Ntiyigeze ababera Umukiza w'indwara. Oya. Bwiza! [Mwene Data Branham akoma mu mashyi inshuro eshanu.-Umwanditsi] Si Ubugingo kuri bo. Ntagushidikanya. Ntibigeze bapfira mu cyaha. Twebwe, twari twarapfiriye mu cyaha hanyuma turazurwa. Ni ko bimeze. Twazavuga iki n'amakamba yacu twavanyemo: "Yoo! Uri nyiricyubahiro Runaka?" Oya, oya, oya, oya, oya! Icyubahiro cyose kibe icye! Ni uko. Turi kumwe. Ni bwo tuzavuga uburyo twanesheje. Aho bukera tugiye kubisobanukirwabiruseho.

172 Ni iki cyabaye rero hariya? Imana yaba yaravuze gusa iti: "Rero, Naba ngize neza ndimbuye potae yanjye na calisiyumu yanjye. Byose byarangiritse ?" Oya, oya. Yari izi ko byajyaga kugenda bitya.

Kandi, Mwuka Wera yangize icyo ndi cyo, ndya ibyo kurya maze nkagaburira umubiri wanjye, narakuze neza ubwo ngana uko ngana uku. Buri shusho Imana yari yarabonye, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro, irakura kugeza igaragaye. Murabona? Byazanywe n'umugore nk'uko byari byaravuzwe, igihe gikurikiyeho, ibyo bituruka ku Mana. Kiriya gihe byazanywe n'umugore, none ubu bizanywe n'umugabo, murabona. Kiriya gihe, byazanywe n'ubushake bw'umugabo n'umugore, none ubu byaje binyuze mu Ijambo rivuzwe.

Noneho, hari icyashobora kungirira nabi ? Ntacyo. Ntacyashobora kudugirira nabi. Pawulo yavuze ati: "Nta bya none, nta bizaza, nta rupfu, nta na kimwe cyashobora kudutandukanya n'urukundo rw'Imana rwagaragariye muri Kirisito." Nta na kimwe cyashobora kudutandukanya.

173 Ni nk'inkuru ngufi nigeze kubabwira. Nsigaranye imisatsi itarenze itanu, nyuma yayo, nkazaba mfite uruhara byuzuye. Ubwo nasokozaga utu dusatsi tungahe, hashize igihe gito, madamu wanjye yambwiye ati: "Billy, harabura gato ngo uruhara rukurangize umutwe wose." Mvuga nti: "Ariko sinatakaje na kamwe."

Avuga ati: "Turi he?"

Musubiza nti: "Twabaga he mbere y'uko ntugira? Murabona? Aho twabaga mbere y'uko ntugira."

Kandi, habayeho, hashize imyaka ijana, ubwo iyi misatsi yari itarabaho, ariko yari hano mu mukungugu w'isi. Ni ukuri? Hanyuma, hashize imyaka mirongo itanu, itangiye kuboneka ku mutwe wanjye. Yaturutse he? Mu mukungugu w'isi. None ubu, isubira aho yari iri. Byaba ari ukuri? Ntiyabagaho, hanyuma ibaho ubu ntayo ikibaho. Ni ibiki? Ni nde wabagize uko bari! Imana. Ni byo. Adushushanyiriza uko byari bimeze. Avuga ati: Ni uko nshaka ko aba."

174 "Wa rupfu we, urubori rwawe ruri he?" Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he?" Byashoboka ko mumpamba muri iyi minsi. Simbizi. Ariko bene Data, sinzaba napfuye. Ndabibizeza. Nta kabuza. Yoo!

Tuzazuka! Haleluya! Tuzazuka!

Kiriya gitondo cy'umuzuko,

Ubwo ingoyiz'urupfu zizaba zacitse.

Tuzazuka! Halelua! Tuzazuka.

Ntacyashobora kumbuza kuzuka. Ntaho wasanga igihagije cyo kumbuza kuzuka. Mfite isezerano ry'Imana. Mfite Mwuka wera. Mfite ubuzima. Ubugingo bw'Iteka bw'Imana, hano. Iki gikanka gishaje ni ho cyavuye, kandi Imana yankuye mu butaka ku bwo kurarira.

175 Maze gukura, iyo numvise inzogera y'urusengero ivuze, hari Ikintu kimvugisha n'ijwi ryoroheje. Malayika yamvugishije ari mu gihuru, ati: "Ntuzigere unywa inzoga, ntuzigere unywa itabi. Ngufitiye umurimo uzakora. Ntuzahumanye umubiri wawe, ntuziyandurishe abagore n'ibindi. Oya. Hari icyo uzankorera umaze gukura."

"Uri Nde? Uri Nde?"

"Uzabimenyaho byinshi nyuma." Igihe gito nyuma yaho, Yaraje, Akomeza kuba hejuru yacu igihe cy'ibatiza. Irigaragaza. Iriyerekana. Irasubiza. Ndamubona ahagaze hariya, hose, impande zose.

Yangize icyo ndi cyo, ari ntabyo nahisemo na mba. Sinigeze nsubirayo ngo mvuge nti: "Umva Charlie Branham, shakana na Ella Harvey maze umbyare." Habe na mba. Nta mahitamo nigeze mbigiramo. Ni Imana yabikoze.

176 Kandi niba Yarangize icyo ndi cyo ntarabihisemo. Bizacura iki ubwo. Mwuka Wera azandarira nanjye nkavuga nti: "Yego, Mwami, ni Wowe Muremyi wanjye. Ndagukunda, kandi nkwakiriye nk'Umukiza wanjye!"Muzampeza mu mukungugu w'isi? Byonyi ntibishoboka, mwene Data. Ntibishoboka gusa.

177 Nta gace na gato k'iyo kalisiyumu cyangwa k'iyo potase cyangwa k'icyo ari cyo cyose Imana yaremye, kigeze karimbuka. "Abo Data yampaye bose, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro, baza aho Ndi." Ashyii! Mu by'ukuri ndashaka gusakuza. "Abo Data yampaye bose, nta n'umwe uzarimbuka, ah'ubwo nzabazura umunsi w'umuzuko."

Namwumvise Ahamagara, ubwo namusangaga. Bishoboka bite ko hari icyamperana mu mukungugu w'isi? Nta ba rwiyemezamirimo bahamba, bahagije bari mu isi, bamaze kumena igitiyo cy'igitaka mu maso, bashobora kumpeza mu mukungugu w'isi. Nzazuka igihe mwe kandi nzaba nsa na We, nuhagiwe n'amaraso Ye, mbyawe n'Umwuka We! Haleluya! Mugire amadini yose mushaka, jyewe, mpisemo Yesu. Amen!

178 Umukozi w'ikigo cy'ubwishingizi yaje i wanjye, Wilbur Snyder, incuti yanjye nyakuri. Avuga ati: "Billy, nifuzaga ko ufata ubwishingizi."

Musubiza nti: "Ndabufite." (Umugore wanjye areba hirya no hino, nk'ushaka kuvuga ati: "Kuki ubeshye, mukundwa?")

Abaza ati: "Ufite ubwishingizi?"

Nsubiza nti: "Yego, yego."

Abaza ati: "Wabufashe mu kihe kigo? Ni ikihe?"

Mvuga nti: "Ubwishingizi bwahawe umugisha, Yesu ni uwanjye,"

Yoo, mbega umusogongero w'ubwiza bw'Imana!

Umuragwa w'agakiza, wacunguwe n'Amaraso Ye."

Avuga ati: "Ni byiza ibyo, Billy, ariko ntibizakujyana mu mva."

Mvuga nti: "Bizayinsohoramo." Haleluya!

"Sinshishikajwe n'uburyo bwo kuyinjiramo, ah'ubwo n'uburyo bwo kuyisohokamo."

179 Mfite ubwishingizi bumbwira buti: "Nzazuka. Abo Data yampaye bose ni Abanjye." Sinitaye ku cyo data yakoze cyangwa icyo mama yakoze cyangwa ku kintu icyo ari cyo cyose. "Abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi, kandi ntawushobora kuza aho Ndi, Atari Data umureheje." Haleluya! Yabamenye ryari? "Nabanye isi itarashyirirwaho urufariro, ubwo Natambaga Umwana w'Intama, Namutambanaga na We. Amen. Natoranije iri Torero." Ni iki cyatoanijwe? Itorero. Umuntu yinjira ate mu Itorero? "Mbese, twese twabatijwe na Mwuka Wera ngo tugire umubiri umwe wa Kirisito." Yari izi, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatizo, ko twajyaga kuba hano."Kandi abo Yamenye kera, Yarabahamaye; abo Yahamagaye Yarabatsindishirije. Abo Yatsindishirije, Yamaze kubambika Ubwiza."

180 Mu Bitabo by'Imana, Yamaze kuvuga ko tuzahurira hariya. Amadayimoni y'i kuzimu yose ntashobora kugira aho abiherana cyangwa ngo abibuze kuba hariya, kuko Imana yamaze kubivuga kandi bikaba bikemuye ikibazo. Niba mu myaka miliyoni ijana y'uko isi ishyirwaho urufatiro, inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe n'Abana b'Imana baririmba indirimbo z'ibyishimo, mbere y'uko isi itarashyirwaho urufatiro. Murabona? Kandi abo bamalayikan'abandi banezerewe, basakurishwa n'umunezero ku bw'ibyo, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatizo. Ni gute satani azampeza mu mukungugu w'isi? Ntibishoboka. Muri mu kuri.

181 Turebe noneho. Ni igihe cy'ubutegetsi bw'abaturage (democratie) turimo ubu. Ni saa yine zibura myakumyabiri z'ijoro ? NI byo mwene Data Woods ? Ni byo, saa yine zibura makumyabiri. Mwese murishimye?

"Yoo, ndifuza gukomeza urugendo,

Ndifuza gukomeza urugendo,

Ubuturo bwanjye bwo mu Ijuru

Burabagirana kandi ni bwiza.

Kandi nifuza gukomeza urugendo."

"Yoo, ndifuza gukomeza urugendo,

Ndifuza gukomeza urugendo,

Ubuturo bwanjye bwo mu Ijuru

Burabagirana kandi ni bwiza.

182 Mwaba mukunda izi ndirimbo za kera zihumekewe? Hari imwe twakundaga kuririmba, byari ikintu nka: "Ubuntu n'impuhwe byaransaze. Hariya, Inyenyeri irabagirana yo murutururuturu yararabagiranye." Ni gute se kandi, mushiki wacu Gertie? Turebe uburyo… Ni iki mwene Data Neville? Turebe, ikintu nk'ubuntu n'impuhwe byaransaze. Hariya, inyenyeri irabagirana yo mu rutururuturu igaragaza… hirya no hino hanjye. Yego, yego. Ku musaraba. Duhe injyano yayo mushiki wacu. Ku musaraba. Duhe injyana yayo, mushiki wacu. Ku musaraba. Ngwino hano mweane Data Neville. Yoo! nkunda izi ndirimbo. Ni bangahe bakunda izi ndirimbo zihumekewe? Mushobora gusimbagurika no kubyina igisirimba(boogie woogie) uko mushaka, ariko jye mumpe ibi. Dore aho impuhwe n'ubuntu byansanze. Ni ibyo. Ni byiza cyaane, buhoro noneho.

Yesu ndindira hafi y'Umusaraba,

Hariya hari iriba ry'agaciro,

Ry'ubuntu kuri twe, umuvumba ukiza,

Utemba uva i Nyabihanga.

Ku Musaraba, ku Musaraba,

Mbera ubwiza iteka,

Kugeza ubwo ubugingo bwanjye buzamuwe

Buzabona uburuhukiro hakurya y'uruzi.

[Mwene Data Branham aririmba Ku Musaraba. -Umwanditsi].

Yoo!ambega ukuntu ari byiza. Mubitekerezeho. Hajyaga kuba iki iyo hataba Umukiza? Hajyaga kuba iki iyo hatabaho iri Jambo? Hajyaga kuba iki iyo Iba itaraduhamagaye? Hajyaga kuba iki iyo Itaba yaratumenye kera maze mukaba muri ahandi mu isi uyu mugoroba? Muramukunda? Yoo! la, la! Rero, ntimwibagirwe amateraniro y'ejo mu gitondo saa tatu n'igce.

Ku Musaraba, ku Musaraba,

Mbera ubwiza iteka,

Kugeza ubwo ubugingo bwanjye buzamuwe

Buzabona uburuhukiro hakurya y'uruzi.

183 Noneho, duhe injyana ya "Hari umwanya ku Iriba." Ni bangahe babizi? "Umwanya, umwanya, umwanya, yego, hari umwanya, umwanya ku iriba." Noneho ni mu gihe muyiririmba, muhindukire buhoro. Murambure ukuboko i ruhande rwanyu maze mufate ikiganza cya mwene Data, hariya. Murabizi, hari umwanya noneho kuri twese, abametodisite hari umwanya w'ababatisite. Hari umwanya w'abapantekote. Hari umwanya kuri twese, noneho, ku Iriba. Ni bangahe bazi iyi ndirimbo yak era? Yoo! yego, ntagushidikanya ko muyizi, bamwe muri mwe abakuru; rero, ni indirimbo yak era y'i Kentucky.

Umwanya, umwanya (Mukorane mu ntoki)

Yego, hari umwanya,

Hari umwanya wawe ku Iriba.

Umwanya, umwanya, yego, hari umwanya,

Hari umwanya wawe ku Iriba.

Yoo, umwanya, umwanya, hari imyanya myinshi,

Hari umwanya wawe ku Iriba.

184 Noneho, hari icyo ngiye kubatunguza. Ibibwiriza bya nyuma byose, ibitabo n'ibindi, bizaba bigurishwa ku yindi mpera y'urursengero, mu gihe y'amateraniro y'icyumweru gitaha; amabande n'ibindi bitabo byiza. Hazaba hari imeza, muri kimwe mu byumba by'i nyuma. Kandi ibitabo, ibibwiriza bya nyuma na zimwe mu

nzandiko nziza zashyizwe ahagaragara vuba aha mu bitabo bishya bizaboneka ku mpera y'urusengero, ku mugoroba wo ku wa gatatu utaha. Kandi dutegereje igihe cy'umugisha mu Mwami; muhaze muri mu mwuka w'amasengesho. Muhamagare abarwayi banyu n'abaremerewe banyu, mubandikire. Nimubazane hano. Imana izakorana imbaraga. Kandi tuzi ko Izabiko.

185 Kandi noneho, uko mbizi, nasanze bariya bose bagize icyo bafite… Noneho, niba hari icyo twikuyeho… muribuka ko nababwiye, hashize igihe kirekire, ko twajyaga kubishyira mu buryo. Kandi nzi ko mubona ko hano hari umwuka unyuranye n'uwahahoze. Murabona? Ni ukuri. Noneho, ntukareke agenda. Ndagutongereye, imbere ya Yesu Kirisito, kutareka ngo agende. Gumana na byo hano nyine. Murabona? Komeza gusa byose bikemutse maze ukomeze kujya mbere. Nari bene Data. Ntibyigeze biba mwene So cyangwa mushiki wawe ukora ikibi, n'uwo mwuka wa satani wigaragaza hariya. Murabona? Niwe ucengera hariya. Kandi uzagirire gusa mwene So cyangwa mushiki wawe imbabazi maze umenye ko ari satani ubitambika hagati. Nimwumva mutanyuzwe, muhite mubisohora muri ako kanya. Murabona? Kuko byazabamunga. Yego, ni ukuri. Bityo mukomeze kubigendera kuri. Mujye mubyibuka gusa:

Hari umwanya, umwanya, imyanya myinshi.

Hari umwanya w'abametodisite, umwanya w'ababatisite, umwanya w'abaperesiteriyani, hari umwanya wa twese.

Umwanya, umwanya, yego, hari umwanya

Hari umwanya wawe ku Iriba.

186 Rero ni bangahe bibuka indirimbo yacu yak era yo gusezeranaho?

Itwaze Izina rya Yesu,

Wowe mwana ufite agahinda no kwiheba;

Rizaguha umunezero no kugubwa neza,

Ryitwaze aho uzajya hose.

Nari nifuje ko mwagumana natwe,

Mwene Data Jeffreys, mushiki wacu Jeffrey

Namwe n'abahungu, hariya, na bose.

Rero, twunamye mu Izina rya Yesu,

Twubamye ku birenge Bye (Yoo! la, la!)

Umwami w'abami, tuzamwimikira mu Ijuru.

Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye

Itwaze Izina rya Yesu,

Rikubere ingabo uhere none

Yoo, niba igishuko kije,

Vuga iryo Zina mu Isengesho.

Yoo, ndabikundaa. Mwebwe? Iryo Zina ritangaza rya Yesu! Noneho duhaguruke none aha, mu gihe turirimba rero. Ni byiza cyane.

Itwaze Izina rya Yesu,

Wowe mwana ufite agahinda no kwiheba;

Biza…

[Mwene Data Branham avugana no mwene Data Neville. -Umwanditsi].

Yoo Zina ryiza,

Byiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru;

Zina ry'agaciro (Yoo Zina ry'agaciro), yoo Zina ryiza!

Byiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru.

187 Biratandukanyeho gato. Twubike imitwe, kandi tuzamure ikiganza. Tuvuge tuti:

Twunamye mu Izina rya Yesu,

Twubamye ku birenge Bye (Yoo! la, la!)

Umwami w'abami, tuzamwimikira mu Ijuru.

Ubwo urugendo rwacu ruzaba rurangiye

Izina ry'agaciro, yoo Zina ryiza!

Byiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru;

Yego, Zina ry'agaciro, yoo Zina ryiza!

Byiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru.

Tucyubitse imitwe, turavuga… [Mwene Data Branham aririmba Itwaze Izina rya Yesu - mwanditsi]

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7